REPUBURIKA Y'URWANDA
KIGALI

1 A
81 p

MUKARUGAMBWA Marie Agnès

UMUVUGO

25/5/1990

PROMAC 06.06.1990

1. Amazina y'umuhanzi : Madame Mukarugambwa Marie-Agnès
B.P. 2064
Kigali

31/5/90

Entrée le 25 MAI 1990
N° indicateur 4275
A traiter par D.G.C.A.
Classement

2. Izina ry'igihangano : Umwana w'i Rwanda

3. Ubugari bw'impapuro nanditseho = 21,5 cm
Uburebure " " = 33 cm

(10)

4. Kuri iyi nyandiko harugwamo uko ababyeyi dukwiye kutabira gutoza abana bacu umuco nyarwanda ubu ugenda ukendera, tukanabafasha kumenya no gukunda igihugu cyabo, kuko ari bo Rwanda rw'ejo.
Harimo n'inama zimwe na zimwe zabafasha kugira imyifatire myiza, iranga umwana warezwe.

5. Nandikiye abana bose, ikigero barimo cyose, baba abiga n'abatiga, ababa mu mijyi n'ababa mu cyaro.

6. Iyi nyandiko yibanda ku burere bw'umwana w'umunyarwanda.

7. Igizwe n'amapaji 39.

N.B. : Ayo mashusho nari nahisemo ko ashushanywa n'abana ubwabo, kuko nabwo ari uburyo bwo kubafasha kwitegereza no kugaragaza ibitekerezo byabo.

Titre:

# UMWANA W'I RWANDA.

££££££££££ .££££££

# UMUHIRE NA MUHUNDE BAGIYE I MUHONDO

*********************************

MWANA W'I RWANDA,

waba mukuru cyangwa muto, ni wowe nandikiye.

Aka gatabo kazagufasha kwimara irungu uterwa no kutabona ibyo usoma bihagije, kandi nyamara ubikeneye.

Si ibyo gusa, cyane cyane kazakwungura byinshi mu bumenyi bwawe, kuko uzarushaho gusobanukirwa n'imiterere y'uwo muryango uvukamo, bityo ukanamenya isano ufitanye n'abavandimwe bawe.

Maze kubera ko ari nawe Rwanda rw'ejo, bizaba ngombwa ko utozwa kandi ugashishikarira kurumenya, kugirango uzarusheho kurukunda. Nuko ejo hazaza uzarwitangire utizigamye, uzi icyo ukora.

Kandi rero n'ukurikiza izo nama abakuruta bakugira, sinshidikanya ko nawe mu gihe kiri imbere uzaba uri umubyeyi ubereye abe, n'igihugu cyamubyaye.

Kagire Imana n'ababyeyi.


Kigali le 15 mars 1990

* UWONKUNDA, wowe cyuzuzo cy'urukundo ababyeyi bawe bakesha umugisha w'Uhoraho, ngutuye aka gatabo.

* Mubyeyi wabyaye kandi nyakubyara, sinkubwiriza uri mukuru kandi ntukuriye ubusa. Nuko rero urarere, urerere Imana urerere n'Igihugu, nyamara ntuzibagirwe ko uwo mwana munyarwanda ari uw'umuryango.

* Nawe mwana w'i Rwanda, uwo uriwe wese n'uko ungana kwose, unyunve nkugire inama isumba izindi. Gana kw'iriba ry'ubunyarwanda, maze uhavome impanuro z'ababyeyi. Kandi ujye uhora uzirikana ko nta RUTUGU RWAKUZE NGO RUSUMBE IJOSI.

Ibiruhuko bya Noheri byari byegereje, dore ko hari hasigaye gusa ibyumweru bitatu ngo bitangire. Kubera ko Noheri tuyifata nk'umunsi w'umuryango, umunsi w'abana n'ababyeyi, wasangaga mu mashuri abarimu bibutsa abana kuyitegura neza, bakazasanganira akana Yezu bacyeye, ari ku mubiri, ari no ku mutima.




Koko rero Noheri ishimisha abana cyane, kubera ko buri wese aba afite icyo ayitezeho cy'umwihariko. Iyunvire uko abana biga mu mashuri abanza ku Kacyiru babiganiraga: njye nshimishwa cyane n'ibintu byiza iwacu batugurira: imyenda, ibikinisho, za bombo na fanta, n'imigati.

Nanjye nshimishwa n'uko iyo Noheri yabaye dutumira abandi bana, maze tugasangira ibintu byiza iwacu baba baduteguriye: ibiryo biryoshye, ibyo kunywa by'amoko menshi, amabombo n'ibindi! Njye rero nikundira na misa ya Noheri, maze nkajya kureba akana Yezu mu kirugu.

Bose bakomeje kurata ibyiza by'uwo munsi, baza kugera kuri Rugwiro. Bamubajije iwyo abitekerezaho, ati: rwose ibyo ni ibisanzwe kuri njye. Nimureke ahubwo mbabwire ibyiza nabonye mu cyaro kwa sogokuru, kubera ko ari ho nunviye Noheri y'ubushize. Bwari ubwa mbere njya i Karama nkahamara iminsi, ariko ni ukuri nasanze ari heza, haba ibintu byinshi kandi byiza abana baba mu migi tutamenya. Ubusanzwe iwacu mu biruhuko naramukaga nikinira, saa sita yagera nkajya kurya, nyuma ya saa sita ngatembera cyangwa nkajya gusura abandi bana twigana, ntegereje ko bwira ngo njye kuryama. Kwa sogokuru rero ho siko byari bimeze! Nafatanyaga n'abandi bana gukora uturimo two mu rugo, n'ubwo ibyinshi byantondaga. Nyamara sinatinze kubimenya, kubera ko babanyerekeraga. Kandi rero ntacyatuvunaga, twakoraga twishimye. Tuvuge nk'iyo twajyaga gutunda ibishyimbo mu murima, buri wese yahambiraga agatwaro ke vuba na vuba, maze tukikorera tugatanguranwa kubigeza mu rugo, no gusubirayo bikaba uko. Iyo twabirangizaga twajyaga gushaka ubwatsi bw'amatungo. Naho buri wese yaharanira-

ga gushaka bwinshi kurusha abandi, kuko twabaga twasezeranye ko urazana buke nawe aza kubona ibiryo bike. Nuko bigatuma buri wese ahishikara agakorana umwete, ngo ataza kubona isahani iriho ubusa, usibye ko twabivugaga twikinira nyine. Iyo imirimo yarangiraga rero twarakinaga, tukidagadura koko. Imikino yacu yari myinshi kandi inyuranye. Twabangaga umupira mu birere, maze tukawutera ye! Twakwunva tunaniwe tugashinga urukiramende tugasimbuka. Uwo mukino narawukunze cyane, usibye ko nabanje kujya ndunera, bakanseka. Ubu ariko nanjye narabimenye, ndetse muri mwe ntawe twapima. Naho rero nimugoroba iyo twabaga duteranye twese twarabyinaga, tukereka umusaza n'umukecuru animasiyo nziza twigira ku ishuri. Twahanagaga n'ibisakuzo, nuko mbere yo kuryama nyogokuru akaducira umugani, tukaza gusinzira twishimye.

Aho i Karama nahamaze ibyumweru bibiri, ntashye sogokuru ampa inkoko ebyiri, isake n'inkokokazi.


Uwase - 12 ans

Izo nkoko nazigejeje mu rugo nzorora nkurikije uko babitwigisha mu ishuri. Ubu zaragwiriye ntitukirwa tugura amagi, ndetse n'inyama iyo tuzishatse turazibona.

Rugwiro yamaze kubwira ayo magambo bagenzi be bakomeza kwimara amatsiko bamubaza ibibazo byinshi. Ndetse abenshi bemeza ko bazajyanwa ari uko nabo bigiriye iyo mu cyaro, bakirebera koko niba ibyo ahashima ariko bimeze.

Ntibyatinze saa sita bageze mu rugo, Muhunde yihererana mushiki we Umuhire, maze amusubirira mu byo Rugwiro yari yababwiriye ku ishuri.

Ati none rero, nagirango unfashe tuze gusaba papa na mama uruhushya, natwe kuri Noheri tuzajye kwa sogokuru.

Umuhire: ngo kwa sogokuru? Aho se nihe ko ntahazi?

Muhunde: urahazi nyamara. Ibuka ahantu twigeze kujya kera turi kumwe na ba mama, maze abantu bakabyina. Hari habaye n'umunsi mukuru.

Umuhire: ni ha handi se twagiye mu misa, maze mama agaterura akana gato bari bagiye kubatiza?

Muhunde: oya ye, aho wowe uvuga ni i Rwamagana. Ako kana se si ka kandi kitwa Nadine mama yabyaye muri batisimu?
Umuhire: aho handi uvuga rero ndunva ntahazi.
Muhunde: ariko nta hantu twagiye, bakaduha amata mu gikombe kinini tukayasangira. Ubwo ntiwibuka koko? Ndetse baduhaye n'ibindi bintu bijya kumera nka fanta sitoro, umuzungu uhaba atubwira ko byitwa umutobe.
Umuhire: eee..., ndibutse koko. Aho umbwira se si ha handi twabonye umukecuru wari ufite igikoni kinini? Wa wundi waje kuturamutsa tukihisha kuri mama?
Muhunde: yego koko wa mukecuru di! Wawundi wari ufite imisatsi y'umweru gusa!
Umuhire: none se kuki uvuga ngo ni kwa sogokuru kandi mama yaratubwiye ngo ni kwa papa mukuru?
Muhunde: oya rero mu ishuri twize ko papa mukuru yitwa sogokuru, naho mama mukuru akitwa nyogokuru.
Umuhire: ibyo rero njye sinari mbizi, nafashe ibyo mama yatubwiye.
Muhunde: none se uranyemereye tuze gusaba uruhushya?
Umuhire: ariko ubundi aho kwa sogokuru hitwa ngo iki?
Muhunde: narahibagiwe; nako ndibutse, hitwa i Muhondo.
Umuhire: ariko hari ahandi hatitwa gutyo, Nyiranshuti yambwiye ko naho habayo sogokuru na nyogokuru.
Muhunde: none se urunva dufite ba sogokuru babiri na ba nyogokuru babiri?
Umuhire: simbizi rero, ariko niko yambwiye.
Muhunde: ntacyo, turaza kumubaza neza.
Uwo Nyiranshuti bavugaga ni umukozi wabo, ariko akaba anafitanye isano na nyina.
Umuhire: Iby'aribyo byose ariko njye ndunva ntashaka kujya kwa sogokuru, ndahatinya.
Muhunde: unva mbese, uhatinya se uzaba iki? Sinzaba ndi kumwe nawe?
Umuhire: oya yewe wa mukecuru twahasanze atazanyirira. Ndabizi neza abakecuru barya abana, ndetse na Kayitesi yarabinyibwiriye.
Muhunde: koko? Ese none byaba aribyo Umuhi! Aho siyo mpanvu abakecuru bakunda kwitwaza ibibando? Wasanga aribyo bakubitisha abana mbere yo kubarya!
Umuhire: none se nyine wakabimenye!
Muhunde: ariko se uwo mukecuru twahasanzekera ubu aracyahari?
Umuhire: unva ra, ubwo se na none agarutse akahadusanga, ninde wadutabara? Ngaho mbwira!
Muhunde: hoshi ni ukugira ubwoba bw'ubusa. Twe nitujyayo tuzajya twigumira mu ~~nzu~~ rugo, nta handi tuzajya.
Umuhire: cyangwa tukajya mu nzu tugakinga, maze tukareba ko adusangamo.
Muhunde: ubwo se urunva twajya duhora twifungiranye mu nzu, ntitugere hanze? Kandi naho ahadusanze, twakwiruka tukamusiga. Burya wabonye hari imbaraga yifitiye koko?

Umuhire: yewe, nubwo nanjye ntabizi bwose, wa wundi twirutse ntiyanfata.

Ubwo Umuhire na Muhunde bavuga ayomagambo bazi ko bihereye, nyamara Nyiranshuti yari yabunvise. Niko kuza abagana aseka cyane, ndetse basa n'abikanze.

Nyiranshuti: niko Umuhi, harya ngo ninde wakubwiye ko abakecuru barya abana?

Umuhire: si Kayitesi se.

Nyiranshuti: yewe, Kayitesi yaratese koko! Buriya rero azi ko abantu barya abandi?

Umuhire: nyamara nibyo rero. Ndetse ngo babanza kubahisha mu myenda mbere yo kubarya.

Nyiranshuti: sigaho Umuhire kunyisekereza. Erega nawe warabyemeye! Yaba yarakubwiye se nibuze uwo azi bariye?

Umuhire: oya, ibyo byo sinabimubajije.

Nyiranshuti: none se ntiwunva ko wapfuye kwemera ibyo utazi. Kayitesi yarakubeshye rwose. Ahubwo niba mutari mubizi, abakecuru ~~n'aba~~ n'abasaza nibo bantu bakunda abana, cyane cyane abakiri bato nkamwe. Iyo bari kumwe barabaganiriza, bakababwira utuntu dusekeje, ndetse bakanabakinisha.




Muhunde: yego rata Nyiranshu, ibyo uvuze nanjye ~~nanjye~~ nabyemeye. Ndetse njya mbibonera kuri wa mukecuru wo kwa ba Manzi. Burya iyo tugiyeyo usanga yishimye, nawe akaza akatuganiriza, akatubaza amakuru, haba hari imineke cyangwa ubunyobwa akaduha.

Umuhire: ariko nanjye ndamwikundira

Nyiranshuti: n'abandi rero bameze nkawe.

Muhunde: koko se? Buriya wenda na nyogokuru tugiyeyo yadukunda, maze akajya aduha imineke. Nakwishima we!

Nyiranshuti: unva re, ahubwo we buriya atabakunda kurusha abandi. Umukecuru ku buzukuru da!

Muhunde: njye ngiyeyo najya mwisabira amata, niyo najya ninywera gusa.

Umuhire: naho se ubunyobwa n'imineke, cyangwa fanta?

Nyiranshuti: erega ibyo byose muvuga bihari yabibaha mutagombye kubimusaba.

Umuhire: Muhu, noneho ndabyemeye tuzajyana. Ndetse ba mama nibava ku kazi duhite tubasaba uruhushya.

Nyiranshuti: nizeye ko bahita barubaha. N'ubundi nigeze kunva mama avuga ko nimuruhuka bazabajyana i Muhondo bakabasigayo, mukazunvirayo Noheri. Naho ubutaha mukazajya n'i Nyabisiga.

Muhunde: i Nyabisiga se kandi nihe?

Nyiranshuti: naho ni kwa ba sogokuru.

Umuhire: ko tutahazise?

Nyiranshuti: ahubwo mugomba kuba mwarahibagiwe, ndunva nanjye muherukayo mukiri bato cyane.

Muhunde: None se ubwo dufite kwa sogokuru habiri?

Nyiranshuti: ahubwo mufite ba sogokuru babiri na ba nyogokuru babiri, nibyo bivugitse neza kurusha.



Muhunde: njye nari nzi ko umuntu agira sogokuru umwe na nyogokuru umwe.

Umuhire: nanjye niko nari mbizi da!

Nyiraashuti: noneho rero kuva ubu mumenye ko buri muntu agira ba sekuru babiri na ba nyirakuru babifi.

Umuhire: kubera iki se?

Nyiranshuti: ndabibasobanurira: ubundi buri muntu wese abyarwa n'ababyeyi babiri, aribo se na nyina, nk'uko namwe mufite so umwe na nyoko umwe. Noneho rero, so nawe yabyawe n'ababyeyi babiri. Afite se akagira na nyina.

Se wa so, niwe twita sogokuru ubyara ~~mama~~ data.

Nyina wa so, niwe twita nyogokuru ubyara data.

Ku rugande rwa nyoko naho ni uko: nawe afite ababyeyi babiri, se na nyina.

Se wa nyoko, niwe twita sogokuru ubyara mama.
Nyina wa nyoko, niwe twitansogokuru ubyara mama.
Abo babyeyi bose babyara data na mama rero nibo twe twita ba sogokuru na ba nyogokuru.
Bityo namwe mukaba mufite ba sogokuru babiri: sogokuru ubyara so na sogokuru ubyara nyoko, mukagira na ba nyogokuru babiri; nyogokuru ubyara so na nyogokuru ubyara nyoko.
Ubwo rero kubera ko so yavukiye i Muhondo naho nyoko akavukira i Nyabisiga, ni ukuvuga ko i Muhondo ari kwa sogokuru na nyogokuru babyara so, naho i Nyabisiga hakaba kwa sogokuru na nyogokuru babyara nyoko.

Muhunde: urakoze Nyiranshu, noneho turabimenye.

Nyiranshuti: kumenya ngo ni ba sogokuru na ba nyogokuru gusa ariko ntibihagije; mugomba na kumenya amazina yabo. Muzayabaze iwanyu bazayababwira.

Muhunde: nibyo koko, tutazamera nka cya gihe Umuhi! Ntiwibuka wa mugabo!

Nyiranshuti: byagenze bite se n'uwo mugabo Umuhi?

Umuhire: sinkibuka, Muhunde nakubwire.

Muhunde: ubwo se urangira iki kubivuga? Rata ni kera sinzi aho twari tuvuye, tugeze hafi y'urugo duhura n'umugabo maze atubaza adukangara, ngo muri abande mwa bana mwe? Niko Umuhire n'ubwoba bwinshi aba yataguranwengo: turi aba patoro na madamu.

Nyiránshuti: ye? Koko se niko wavuze Umuhi?

Umuhire: noneho narabimenye rero, ni uko nari nkiri umwana. Kandi iyo ntabivuga uwo mugabo aba yaradukubise.

Nyiranshuti: hanyuma se yababwiyengo iki?

Muhunde: yaradusetse abonye twagize ubwoba, ati nimuhumure ntacyo mbatwara. Ni uko atwereka ~~igiko~~ inkoni yari yitwaje, ati ngaho ndabababariye nimugende, ariko ubutaha nitwongera guhura ngasanga mutaramenya amazina y'ababyeyi banyu nzabakubita.

Nyiranshuti: ubu se noneho warayamenye Umuhi?

Umuhire: narayamenye koko: papa yitwa Muhashyi Selesitini, naho mama akitwa Mukangenzi Suzana.

Nyiranshuti: naho rero na ba sogokuru mugomba kumenya amazina yabo, ejo hatazagira ubabaza uko bitwa mukamusubiza ngo ni ba papa bakuru na ba mama bakuru.

Ubwo byageze nimugoroba umugambi wo gusaba uruhushya Umuhire na Muhunde bawujuje. Nyina yabaye akigera mu rugo avuye ku kazi, nta kindi bamusanganije kitari ukumubwira ko bifuza kuzajya kwa sekuru mu biruhuko. Icyo cyifuzo cyabo cyaramutunguye cyane, kubera ko bwari ubwa mbere basaba uruhushya nk'urwo. Ubundi basabaga urwo kujya kwa bagenzi babo bigana, cyangwa ku babyeyi babo ba batisimu. None ngo kwa sekuru! Ahantu bageze rimwe risa! Bahibutse bate!

Ninde wari wabagiriye iyo nama? Iby'aribyo byose ntiyiriwe ababaza byinshi, gusa yahise abemerera ko se nataha baza kubivugana, bakareba igikwiye. Mbega ukuntu Umuhire na Muhunde bagize ishyushyu ry'igisubizo bari buze guhabwa!

Umuhire: niko Muhu, urabona papa ari buze kwemera ko tuzagenda koko?

Muhunde: kubera iki se? Kandi mama we yarabyemeye?

Umuhire: akavuga gusa ngo sinshaka ko muzajya kuzerera. Ntiwibuka cya gihe aduhana twagiye kwa ba Mafene?

Muhunde: burya se impanvu yaduhannye ko ari uko twari twagiye tudasabye uruhushya bakatubura.
Njye ndunva kujya gusura ababyeyi atari bibi, ndetse no mu ishuribatubwiyeko ari umuco mwiza. Kandi rero twasabye n'uruhushya.

Umuhire: nibyo koko. Hoshi buriya aremera.

Koko rero byageze nimugoroba, igihe bose bari bateraniye ku meza bamaze gufungura, Muhashyi abwira Umuhire na Muhunde ko icyifuzo cyabo yacyakiriye neza. Ababwira ko abemereye kuzagenda, ndetse bahita bemeza n'umunsi bazagenderaho. Mbega ibyishimo! Ubwo bahisemo kubanza i Muhondo, ubutaha bakazajya n'i Nyabisiga.
Umunsi w'amanota nawo warashyize uragera, Umuhire aba uwa gatatu, naho Muhunde aba uwa mbere.

Muhunde bamuhembye inkweto nziza, avuga ko ari zo azagenda yambaye bagiye i Muhondo. Umuhire nawe bamuhembye ikanzu, ngo akazayambara kuri Noheri.



Ubwo hari ku wa mbere nimugoroba, buri bucye bagenda. Bari biriwe bitegura urugendo, Nyiranshuti abafasha gushyira mu gikapu ibikoresho byose bazakenera. Nuko babirangije mbere yo kuryama, bicara mu cyumba cyabo, bataganira.

Nyiranshuti: Umuhi, ubu rero muraramuka mwigendera! Mbega ukuntu tuzagira irungu! Ubu se nzajya nseka nande koko?

Umuhire: Kigingi se ntahari? Cyangwa uzase tujyane.

Nyiranshuti: ngo tujyane! Reka da, nta ruhushya natse.

Umuhire: waretse se nkaza kurugusabira mama, ko atakwangira?

Nyiranshuti: oya ubyihorere, tuzaba tujyana ubutaha.

Umuhire: mbe Nyiranshu, burya kwa sogokuru bagira umuboyi ra ?

N...shuti: ariko Umuhire ntabaza ntabaza!!! Nk'ibyo

Muhunde: maze akarenga akavuga n'ibyo mama yatubujije. Ntiyatubwiye ko babita abakozi bo mu rugo?
Umuhire: nuko nari nibagiwe rero, nashakaga kukubaza niba kwa sogokuru bafite umukozi.
Nyiranshuti: yewe, ubu sinabimenya, ariko igihe mbiherukira ntawari uhari.
Umuhire: none se niba adahari tuzabigenza dute? Ndetse sinzirwa njyayo.
Nyiranshuti: ni ~~ibk~~ ibiki se kandi biguteye ubwoba Umuhi? Ubwo wenda na none ugiye kuvuga ko umukecuru azakurya!
Umuhire: oya da, ahubwo ni uko ntazashobora kwifurira imyenda.
Muhunde: ariko Umuhi, hoshi nawe ugiye kuzitetesha. Gufura nibyo utazashobora koko? Uzabyihorere nzajya ngufurira nguterere n'ipasi ndetse, ntibizananira njya mbona uko Kigingi abigenza.
Umuhire: none se ninde uzajya adusasira igitanda?
Muhunde: unva mbese, urabona gusasa byatunanira koko? Ndetse ni nawe uzajya ubikora, ubundi abakobwa sibo basasa!
Umuhire: ntacyo, nibinanira nzahita nigarukira.
Muhunde: ngo uzigarukira! Nzaba ndeba. Uzazana nande se ko mama azatugezayo agahita agaruka?
Nyiranshuti: mwihorere yewe buriya yashatse kutwihera urwenya nk'urwo Kampire aherutse kumpa tugiye mu misa.
Muhunde: kandi koko akunda kugira udukuru dusekeje. Yakubwiye ngo iki se?
Nyiranshuti: yaransekeje gusa nta kandi!
Umuhire: ngaho se tubwire di Nyiranshu, natwe duseke.
Nyiranshuti: Ngo ni kera bigaga mu mwaka wa gatanu. Nuko ngo umwarimukazi wabo arababwira ati;: dore ibizami biregereje, nizeye ko mwihase mukazagira amanota aruta ayo mwabonye mu gihembwe cya mbere. Abatarabikoze rero, igihe kirageze cyo kwikubita agashyi. Umuhungu biganaga bari barahimbye Giteneri aba yabyunvise vuba, ngo ahuruza urushyi no mu gutwi kwe ngo pa. Igihe bakimuseka, ngo ahuruduka mu ishuri, jugujugu n'imuhira. Ageze yo ahita abatura imbugita bahatisha ibijumba; yicara imbere y'inzu atangira kwivugisha agira ati: mwarimu yatubwiye ko kugirango tuzagire amanota meza, tugomba kuba twarihase, utarabikoze akikubita n'agashyi. None rero kubera ko agashyi ko narangije kukibita, ndunva igisigaye ari ukwihata. Ariko se [redacted], ndaherahe mpata?! Nimpata ku kirenge, sinzabona ubugenda, nimpata ku maboko, sinzabona ubwandika, kandi nimpata no ku kibuno, sinzabona ubwicara. Reka ahubwo ngerageze uyu mutwe ndebe. Nuko igihe atangiye kwogosha imisatsi, mukuru we arahagoboka, aramutesha.
Ngibyo ibya Giteneri.
Muhunde: birasekeje koko, nyamara buriya wabona babihindura urwenya kandi byarabayeho.
Umuhire: hoshi genda rero, biriya se ninde muntu muzima wabikora?
Muhunde: umeze nka Giteneri nawe yabikora.
Cyangwa wowe uvuga ngo ntiwashobora gusasa uburiri, ubwo ukomeje gutyo ntiwazahinduka Nyiragiteneri?

Nyiranshuti: mwihorere ajye akameza yigire umupfu, kandi ageze igihe cyo kumenya ubwenge. Ubundi icyo umuntu atazi arabaza, bakamusobanurira, akakimenya. Ibyo bibazo byose mufite rero mubyikuremo. Kwa sogokuru ndabizi hariyo abandi bana, ibyo mutazashobora gukora bazabibafasha.

Koko rero ntibyari byoroshye kunvisha abo bana ko ibyinshi bagomba kuzabyikorera. Iwabo bari baramenyeye gutega byose ku bakozi, nta karimo na gato bari baratojwe gukora. Ubu rero ibintu byari bihindutse, kwari ukuzirwanaho. Ntacyo bitwaye ariko, Nyiranshuti yari amaze kubarema agatima abizeza ko bazabona abafasha. Icyo kiganiro cyararangiye bahita baryama, ndetse ntibatinda no gusinzira.

Bwacyeye ari ku waka biri, akazuba kari kamaze kurasa kagaragazaga ko hari bube umucyo uwo munsi wose. Ku gasusuruko niho Umuhire na Muhunde, bari kumwe na nyina Mukangenzi Suzana, bahagurutse iwabo ku Kacyiru, bagiye gutega imodoka.




Mu mihanda abantu bari urujya n'uruza, imodoka, amapikipikindetse n'amagare nabyo ari uko. Saa tatu niho bari bageze muri cya kigo abagenzi births bategeramo imodoka, aricyo bita "gare". Ubwo nayo bahise bayibona. Nuko mu gihe bari bacyicaye bategereje ko yuzura ngo ibone guhaguruka, Umuhire na Muhunde bakomeza kwimara amatsiko.

Nyina we ariko ntiyahwemaga gusubiza ibibazo byinshi bamubazaga.

Muhunde: aba bantu bose barabona imodoka zibatwara mama?

Mukangenzi: buriya barazibona, ntureba se ko nazo ari nyinshi!

Umuhire: mbese ubundi buriya barajya he?

Mukangenzi: urunva nahabwirwa niki Umuhi! Buriya bamwe bagiye gusura abavandimwe, abandi nabo bavuyeyo baratashye.

Muhunde: uzi ko taxi ari nziza! Zidahari aba bantu bose ntibabona uko basura abandi.

Mukangenzi: nibyo ni nziza, ariko kandi zije vuba, kuburyo na mbere zitaraza bitabuzaga abantu kugenda.
Umuhire: none se ubwo bagendaga mu ki?
Mukangenzi: bagendaga n'amaguru.
Umuhire: none se ubwo bageragayo ryari?
Mukangenzi: baragendaga bwakwira batageze iyo bajya bagacumbika, bwacya bagakomeza urugendo.
Umuhire: bacumbikaga he se?
Mukangenzi: bacumbikaga mu baturage, kuko nta mazu acumbikira abagenzi yariho.
Muhunde: ariko abo baturage nabo bari abantu beza! Kwemera gucumbikira uwo utazi.
Mukangenzi: si kera gusa n'ubu uwo muco mwiza urabyariho, mu kinyarwanda ntawanga kwakira uje amugana, cyangwa ngo yange gucumbikira umugenzi.
Umuhire: ubwo se baryaga iki noneho?
Mukangenzi: babaga bazi ko bagiye kujya ku rugendo bagashaka impamba, yabaga igizwe n'ibiryo n'icyo kunywa. Nta handi bashoboraga kubikura, kuko ibyo guteka mu ma resitora bije vuba.
Muhunde: ubwo se amafaranga yabo bayamazaga iki?
Mukangenzi: bayakuyehe se ko abari bayafite icyo gihe bari mbarwa. Rubanda nyamwinshi ntayo bagiraga, ariko ntibyababuzaga kubaho neza. Barakoraga bakagira ibintu, imyaka n'amatungo. Ntawaburaraga kubera ko yabuze amafaranga yo guhaha. Uwabaga ari umukene adafite icyo arya, yajyaga gukorera ubifite akamuha. Akenshi batangaga imyaka, nk'ibishyimbo n'amashaza, ibijumba n'ibindi... Nibyo bitaga guca inshuro, n'ubu kandi hari aho bikiba. Naho ku byerekeye amatungo, uwabaga adafite itungo kandi aryifuza, yajyaga gukorera uwabaga atunze, akamara igihe kirekire amukorera, icyo gihe cyazarangira akarimuha.



Ntibyari byoroshye ariko, kuko hari abamaraga imyaka n'imyaka batararibona. Akenshi bahakirwaga inka. Ubu ukwo buhake bw'inka ntibukibaho.

Muhunde: naho se iyo babaga barwaye, imiti bayigiraga iki ko wunva nta mafaranga bagiraga?




Mukangenzi: kurwara nibyo bararwaraga, ndetse icyo gihe indwara zari nyinshi. Iyo babaga barwaye bidakomeye barivuraga. Indwara bivuraga ni nk'inzoka, amahumane, inkorora, ibicurane, umutwe n'izindi...
Imiti bivuzaga bayihamuraga mu kinani. Muri yo twavuga nk'imiravumba, ibicunshu, imibirizi, imibagabaga, amababi y'intusi, n'indi myinshi.

Muhunde: naho se iyo babaga barwaye indwara zikomeye?

Mukangenzi: iyo babaga barwaye indwara zikomeye nka za macinya, za mugiga, igicuri, uburozi n'izindi, baganaga abahanga mu kuvura akaba aribo babavura. Nabo bakoreshaga imiti igizwe n'inyange y'ibyatsi byinshi, cyangwa bagakoresha imyotso n'ubundi buhanga.
Abo bavuzi ba kinyarwanda, ari nabo bita abavuzi gakondo cyangwa abavuzi ba gihanga n'ubu bariho, kandi bakiza indwara nyinshi imiti ya kizungu idashobora. Zimwe muri zo ni nk'igicuri, umwijima, uburozi, amahumane n'izindi nyinshi.

Amatungo nayo kandi ntibayatereranaga, habagaho abavuzi bayo bazwiho ubwo buhanga.

Umuhire: ubwo se imyenda bambaraga yo bayiguraga iki?

Muhunde: kandi wunva ntayo bagiraga. Wa mukecuru wo kwa Manzi niko yatubwiye.

Umuhire: oya rero sinabyemera. None se bagendaga bambaye ubusa? Cyangwa mukecuru yarababeshyaga nk'uko Kayitesi yari yambeshye.

Mukangenzi: Kayitesi uwo se yari yakubeshye ngo iki Umuhi?

Umuhire: yari yambwiye ngo sinkegere abakecuru b-arya abana.

Mukangenzi: koko se! Ubwo se nawe wari wabyemeye?

Umuhire: nari nabyemeye, hanyuma tubajije Nyiranshuti atubwira ko atari byo.

Mukangenzi: birunvikana rwose ko icyo cyari ikinyoma kidafite n'ishingiro. Naho ibyo mukecuru yabwiye ba Muhunde byo nibyo, kera nta myenda yariho. Abana nkamwe ndetse n'ababaruta babaga babereye aho, bakazatangira kwambara bamaze kuba abasore cyangwa inkumi.

Umuhire: none se ubwo bambaraga iki si imyenda?

Mukangenzi: oya, bambaraga impu n'impuzu. Izo mpu akenshi zabaga ari iz'ihene, zikambarwa na rubanda rugufi. Naho ababaga ari abatunzi bakize, bambaraga impu z'inka, b-itaga inkanda. Abakene rero bo bakiyambarira impuzu, zikaba zaravaga mu giti cyitwa umuvumu.

Muhunde: yewe, aba kera bari baragowe. Bagiraga kub-ura icyo bambara, bakagira kubura imiti, maze bakagerekaho no kugenda n'amaguru!

Mukangenzi: ibyo kutagira icyo b-ambara no kubura imiti ihagije byo koko byari bibangamiye imibereho yabo. Tuvuge nk'abana bato bakundaga guhitanwa n'umusonga, n'izindi ndwara nyinshi zituruka ku mbeho. Ubu twakwishimira ko amajyambere yaje, ibibazo byinshi bikaba byarabonewe umuti. Dore nk'ubu nta munyarwanda ucyambara uruhu, kandi n'amavuriro yarakwirakwijwe hirya no hino mu gihugu, kuburyo indwara nyinshi zorekaga imbaga zagabanutse. Ntawe utakwishimira ko ubushita bwagiye nk'ifuni iheze, ko iseru na zene wayo zari zarigize ruhekura ababyeyi ubu zabonewe inkingo, ko za macinya myambi na za mugiga, n'ubwo zasize umugani, ubu ziqigaye zivurwa zigakira, n'izindi n'izindi.

Naho kugenda n'amaguru byo ntacyo byari bitwaye,ndetse n'ubu abenshi baracyayagendesha. Yego imodoka zaraje, ariko ntizirakwira hose ku buryo buri wese yagera aho yifuza mu modoka.

Muhunde: none se ko umuntu yagenda n'amaguru ajya hafi, kure yagerayo ate?

Mukangenzi: erega aho wita kure naho bajyagayo, kandi n'ubu udafite amafaranga yo kuriha imodoka agenda n'amaguru. Nko mu gihe cyashize, abanyarwanda benshi bavaga ino bakajya gupagasa mu Buganda, bari ku maguru. Bashakaga ibizabatunga, ahasigaye bagafata inzira. Bashoboraga no kumara icyumweru mu nzira bataragera iyo bajya, kandi ntibabyinubiraga. Yego byari amaburakindi, ariko barabikoraga. Si n'ibyo gusa, umuntu yabaga yatekereje gusura inshuti cyangwa umuvandimwe wa kure, agahaguruka akagenda. Ni nayo nkomoko y'uyu mugani abanyarwanda baciye, ngo aho uwawe ari ntihaba kure. Ibyo b ikaba bitwunvisha ko ku munyarwanda, inshuti n'umuvandimwe ari abantu bakomeye, ahoza ku mutima.

Umuhire: uwo muvandimwe se ni nde, ko ntamuzi?

Mukangenzi: ubwo koko ntuzi umuvandimwe uwo ariwe Umuhi?

Muhunde: njye ndamuzi reka mumubwire: umubandimwe ni umwana muvuka hamwe. Nk'ubu Umuhire nanjye turi abavandimwe.

Mukangenzi: wunvise Umuhi? Umuvandimwe n'umuntu wese muvuka hamwe. Muba muba mu nda imwe, ni nayo mpanvu mwitwa abavandimwe. Abavandimwe rero ni abantu bavuka ku babyeyi bamwe, cyangwa mu muryango umwe.

Umuhire: ubwo se wowe na papa muri abavandimwe?

Mukangenzi: oya ntabwo turi abavandimwe kubera ko tutavuka ku babyeyi bamwe. So afite ababyeyi be, akagira n'abavandimwe be, nanjye nkagira ababyeyi banjye n'abavandimwe.

Muhunde: none se ubu uwambaza ngo mpfana iki n'Umuhire, namusubiza ngo iki?

Mukangenzi: wamubwira ko Umuhire ari mushiki wawe, naho wowe ukaba musaza we.

Muzunva mu kinyarwanda bavuga ngo kanaka na kanaka bafitanye isano cyangwa ngo bafite icyo bapfana. Ni ukuvuga ko abo bantu baba bafite icyo bahuriyeho biturutse ku babyeyi babo cyangwa ku miryango bavukamo. Icyo kintu guhuza abavandimwe rero nicyo twita Isano.

Ubwo wowe kubera ko uri umuvandimwe w'Umuhire ukaba n'umuhungu, uri musaza we.

Naho Umuhire we kubera ko ari umuvandimwe wawe akaba n'umukobwa, ni mushiki wawe.

Muhunde: naho se ibindi bavuga ngo ni mukuru wawe cyangwa murumuna wawe?

Mukangenzi: ibya bakuru na barumuna, babivuga ku bana basangiye ababyeyi, bakurikije uko barutanwa.

Iyo muvindimwe, abakuruta bose bitwa bakuru bawe, naho abato kuri wowe bakitwa barumuna bawe.

Hari icyitonderwa ariko:
- ku mwana w'umuhungu: iyo hari abandi bahungu bavindimwe nawe, abakuru kuri we nibo bitwa bakuru be, naho abato kuri we bakitwa barumuna be. Naho rero abakobwa bose bavandimwe nawe, baba bakurucyangwa bato kuri we, bose bitwa bashiki be.
- ku mwana w'umukobwa noneho: iyo hari abandi bakobwa bavindimwe nawe, abakuru kuri we nibo bitwa bakuru be, naho abato kuri we bakitwa barumuna be. Naho rero abahungu bose bavindimwe nawe, baba bakuru cyangwa bato kuri we, bose bitwa basaza be.

Igihe Mukangenzi yasobanuriraga Umuhire na Muhunde iby'amasano y'abavandimwe, ya taxi barimo yari imaze guhaguruka imaze gukata kuri rond point itangiye kumanuka mu Muhima. Abagenzi nabo bari bamaze gushyikirana, batangiye kuganira. Nuko umusaza Bigirimana wari wicaye iruhande rwa Mukangenzi amubwira atangara ati: dore wa mubyeyi we, burya ubwo wunva amajyambere ntagira uko asa koko. Arakomeza ati: nahoze nunva utekerereza aba bana ukuntu aba kera twagendaga n'amaguru, binyibutsa mu myaka yashize tunyura muri uyu Muhima ari ishyamba gusa, bahita mu rw'impyisi.

None dore amayira yabaye nyabagendwa, n'ahari utuzu tw'ibyatsi ntiwamenya ko twahigeze. Ubwo yabivugaga arangamiye inzu ndende y'igorofa iri aho hafi y'umuhanda, n'abandi bagenzi bari bakomeje kwitegereza, bayitangarira.




Ibiteye amatsiko kandi ni byinshi kuri uwo muhanda ugizwe n'amakoni menshi, kugera ku "Ibuye rihetse irindi".

Muhunde: aha tugeze nihe mama?

Mukangenzi: bahita ku " Giti cy'inyoni.

Bigirimana: erega ngirango ni na kiriya bahitiriye

Umuhire na Muhunde bakebukira rimwe kureba icyo giti cy'inganzamarumbo, kiri mu isangano ry'imihanda, uva i Butare n'uturuka mu Ruhengeri, ikagana i Kigari mu murwa mukuru w'u Rwanda.

Ubwo imodoka barimo yari igeze ku kiraro kiri hafi aho, Umuhire yongera kubaza nyina: uyu mugezi se wo witwa ngo ki?

Mukangenzi: erega uyu munsi uraba uw'ibibazo gusa Umuhi!

Bigirimana: none se kubaza ntibitera kumenya? Dore uyu mugezi witwa Nyabugogo mwana wa...

Muhunde: yoo..., mbese iyi niyo Nyabugogo! Twarayize mu ishuri, usibye ko nari ntarayibona.

Mukangenzi: ngaho noneho yitegereze, maze utubwire n'ibyo mwayizeho.

Muhunde: batubwiye ko ari umugezi munini unyura hafi ya Kigali, ukisuka mu ruzi rwa Nyabarongo.

Mukangenzi: ikindi nanjye nakwongeraho, nuko aha tugeze, uyu mugezi ugabanya amakomini abiri. Ubu tuvuye muri komini Butamwa yo mu Bwanacyambwe, tugeze muri komini Shyorongi yo mu Bumbogo.

Muhunde: kandi koko amakomini agize u Bumbogo nayo twarayize.

Mukangenzi: ngaho yavuge twumve ko ukiyibuka.

Muhunde: twize ko amakomini agize u Bumbogo ari ane: hari komini Shyorongi, komini Tare, komini Musasa na komini Rushashi.

Mukangenzi: nibyo rwose. Harya ngo iyi komini turimo yitwa iyihe Umuhi? Dore igihe wambarije reka nanjye nkubaze.

Umuhire: watubwiye ko yitwa Shyorongi.

Mukangenzi; naho se uriya mugezi?

Umuhire: witwa Nyabugogo.

Mukangenzi: yewe, ndunva wakurikiye da. Dore rero ~~yu~~ uyu musozi dutangiye kuzamuka nawo witwa Nyamweru.

Umuhire na Muhunde kandi bashoboye kwibonera n'indi misozi miremire iteganye n'uwo wa Nyamweru ariyo; Mont Kigali na Mont Jali.

Muri uwo muhanda wa kaburimbo ugizwe n'amakoni menshi, amatsiko y'abagenzi yasaga n'agabanutse, kubera ko nta kindi bashoboraga kubona uretse ibiti by'amoko menshi biwukikije. Muri byo twaguga nk'intusi,arinazo zihiganje, za greveria, za pinusi, za sipure n'ibindi.

Kubera ubunini n'ubwiza bw'iryo shyamba, barigeze hagati Umuhire abaza nyina impanvu bariteye n'akamaro karyo. Dore muri make uko yabimusobanuriye:

Mukangenzi: ubundi imisozi nk'uyu uhanamye cyane, ntikunda kugira ubutaka bwera imyaka isanzwe nk'ibishyimbo, amasaka, ibijumba n'ibindi. Uretse n'ibyo kandi, no kuyihingaho, kuyirwanyaho isuri cyangwa kuyifumbira ntibyoroshye. Ni yo mpanvu aho kugirango ibere aho yambaye ubusa, bahitamo kuyiteraho ibiti nka biriya tureba, kubera ko bidakenera ubutaka burumbutse nk'iriya myaka yindi. Naho ku byerekeye akamaro k'iri shyamba kimwe n'andi menshi ari mu gihugu cyacu, ni kanini cyane. Amashyamba atuma igihugu cyacu kitaba ubutayu, akatuzanira umwuka mwiza n'invura. Si ibyo gusa kandi, atuma n'ubutaka bukomera ntibutwarwe n'isuri igihe invura yabaye nyinshi. Akandi kamaro k'ingenzi k'amashyamba, nuko aduha ibiti byo gucana, ibindi tukabyubakisha, hakabaa ~~n'ibindi~~ n'ibibazwamo bya bikoresho by'amoko menshi dukenera, nk'intebe, ameza, ibitanda, utubati, inzugi n'ibindi.

Ndetse hari n'ubwoko bw'ibiti bakoramo impapuro. Murabizi ko n'ino mu Rwanda dufite uruganda ruzikora, rukaba ruri i Zaza ho muri Kibungo.

~~mM~~ Muhunde: hari n'akandi kamaro k'ishyamba: nuko umuntu yarariteye ashobora kurigurisha rikamuha amafaranga.

Umuhire: ndetse n'inyoni zibona aho ziba, kimwe n'utundi tunyamanswa.

Mukangenzi: ntimwunva se ko amashyamba ari ingirakamaro cyane! Ndetse kubera ibyiza dukesha igiti, muzi ko ino iwacu bagihaye umunsi cyihariye, wizihiza buri mwaka. Uwo munsi buri munyarwanda akaba agomba gutera nibuze ibiti bibiri, igicanwa n'ic,era imbuto ziribwa.

Muhunde: kandi koko muri radiyo bararirimba ngo nutema kimwe ujye utera bibiri.

Umuhire: nanjye uyu mwaka nzabitera ye!

Muhunde: ahubwo tuzibutse papa azajye kubishaka hakiri kare atazasanga byashize.

Umuhire: njye nzamutuma umunyinya wo gutera mu busitani bwacu, tujye tuwugamamo izuba, nka wa wundi wo kwa Gahutu!

Muhunde: njye nzamusaba gutera za greveriya, kubera ko umwaka ushize twateye amapera n'amapapayi menshi. Mu ishuri kandi batubwiye ko greveriya ari igiti cyiza, kubera ko kibazwamo imbaho kandi nticyonone ubutaka.

Mukangenzi: muramenye ariko ntimuzibagirwe na za marakuja zo gutera kuri cya kimpoteri.

Bigirimana: erega data n'iyo iwacu mu cyaro usanga abenshi tumaze gusobanukirwa n'akamaro k'igiti, cyane cyane ariko biriya byera imbuto ziribwa. Ubu twese twahagurukiye kubitera, ku buryo nta rugo utasangamo nibuze igiti kimwe cya avoka. Kandi ga reka banazitere ni nziza ziraryoha! Bigakubitiraho rero ko no mu bigo Mbonezamirire batwigisha ko zifitiye umubiri wacu akamaro kanini.

Mukangenzi: ni byo koko imbuto zose ni nziza, kuko zikize ku ntungamubiri no ku biwurinda indwara. Akaba ari nayo mpanvu twese tuzikeneye, yaba umwana cyangwa umuntu mukuru. Ureke bya bindi bya kera ngo nta mugabo wo kurya icunga, umuneke cyangwa ipapayi.

Bigirimana: hari kera nyine, ubujiji bucyitwugarije. Ubu abagitsimbaraye kuri ayo mafuti ni ba bandi usanga bagenda bahungetwa, cyangwa abana babo barishwe na bwacyi. Iyo ndwara twe twayise Gateranyamiryango, kuko usanga bene kuyirwaza bikomye buri gihe abaturanyi ngo barabarogeye, ntibamenye ko uburozi bubi ari ubujiji.

Mukangenzi: yewe, injiji zo ziracyariho, gusa amahirwe tugira nuko zisigaye ari nke kandi nazo zikaba zarahagurukiwe. None se umuntu azakenera umuhini w'isuka cyangwa agakwi ko gucana yihutire gutema ibiti, ariko nibamubwiriza no kubisimbura aterere agati mu ryinyo! Kimwe na bariya ba "Rutwitsi" bigabiza amashyamba bagatwika, cyangwa bariya bayonona atarakira, abo bose bamenye ko ibyabo byahagurukiwe.

Bigirimana na Mukangenzi barangije icyo kiganiro ya taxi nayo ivuye mu ishyamba, igeze mu mpinga ya Nyamweru ahitwa mu Ruhengeri rwa Kanyinya. Kuri uwo murambi utagira uko usa, abagenzi bose bari bamerewe neza, baganira bishimye, ndetse banyuzagamo bagaseka cyane. Umuhire na Muhunde bo nta kindi baganiraga, uretse kubazanya no gutangarira ibyo babonaga hirya no hino. Ijuru naryo ryari rimeze neza, umuntu ashobora guterera amaso akabona n'ibiri kure. Sinzi uko Muhunde yarabutswe ibyuma birebire bihagaze ku musozi hakurya, maze yereka nyina.

Muhunde: reba mama! Biriya byuma biri hariya bimara iki?

Mukangenzi: biriya ni bya bindi bituma amajwi ya Radiyo Rwanda arushaho kunvikana neza. Byo ntimurabyiga se?


Muhunde: twarabyize ariko aho biri sinkihibuka neza. Uretse ~~kuri~~ ahitwa kuri mont Jari no kuri Huye.

Mukangenzi: dore rero hariya niho kuri mont Jari, biriya byo urabyiboneye.

Muhunde: yoo! Mbese ni hariya?

Umuhire: nanjye ndahabonye nituhiga nzahita mpamenya.

Mukangenzi: si hariya gusa ariko hari n'ahandi biri hirya no hino mu gihugu. Duhereye kuri biriya byo kuri mont Jari ya Kigali, ahandi biri ni kuri Huye h'i Butare, i Karongi ho ku Kibuye, i Mugogo ~~h'i Cyangugu~~ ho mu Ruhengeri, i Kinanira h'i Cyangugu, n'i Byumba.
Ibyuma nk'ibyo kandi biri no ku kirunga cya Karisimbi, ndetse byo bikaba bifite n'umwihariko wo kuzakoresha tereviziyo, umunsi yageze mu gihugu cyacu.



Muhunde: ariko mama, uzi ko hari ibintu byinshi tutari tuzi; cyangwa twari tutarabona kandi bituri hafi!
Rwose ningera mu rugo nzahita nshimira papa waduhaye uruhushya rwo kujya i Muhondo.

Umuhire: kandi koko iyo tutajyayo ntitwari kuzabona ibi byose.

Muhunde: nta kundi nyine, twari kuzatahira ya Hoteri iri haruguru y'iwacu, na bya bizu bigerekeranye bahubaka.

Umuhire: eee! Na ya kiriziya twunviramo misa ku cyumweru. Nari nibagiwe na Sitade Amahoro!


Mukangenzi: yewe, noneho umenya mwabonye umwanya wo kwinigura. Erega n'ubundi nuko mwari mukiri bato mutaramenya kwitegereza, naho ubundi kugenda si bibi. Igihe cyose umwanya uzajya uboneka muzajya mushobora no kugera ahandi, murebe naho uko byifashe, kugirango mutazatahira ibyo biri haruguru y'iwanyu nk'uko mubivuga.

Bigirimana: oya nibyo ibyo aba bana bavuga nanjye ndabishyigikiye. Yego singize ngo nibabe ba Mukerarugendo, ariko ababyeyi nibiyunvishe ko urwo Rwanda rw'ejo rukeneye guhumuka no kumenya, ndetse no kwimara amatsiko. Mu biruhuko nk'ibi babone akanya ko gusura abavandimwe, na bagenzi babo. Bityo buhoro buhoro bazagenda barushaho kumenya igihugu cyabo n'abagituye, maze mu minsi iri imbere bazagikorere bazi icyo bakora.

None se ubu uracyashidikanya ko ibisobanura byose wahaye aba bana, n'ibyo biboneye batari bazi, bitabunguye byinshi mu bumenyi bwabo!

Koko rero ibyiza Umuhire na Muhunde baboneye muri urwo rugendo ntibigira ingano. Babonye imisozi n'imirambi yayo, babona impinga n'ibibaya, babonye inzuzi babona imigezi, bityo barushaho gucengerwa n'ubwiza kamere igihugu cyacu cyifitiye. Babonye kandi ibishyimbo n'imyumbati, mu mirima ikikijwe n'imirwanyasuri, babona urutoki babona n'ikawa, nuko babonye imyembe, za avoka na marakuja, bibabera urugero ko dukomeje gushishikara tugakora, u Rwanda rutatinda kwihaza mu biribwa. Ubwo bageze i Shyorongi bobonye ivuriro ryiza n'ikigo Nderabuzima bihari, barushaho kwunva ko imibereho y'abaturage igenda irushaho kwitabwaho mu gihugu cyacu. Bigiye imbere babonye inzu nziza komini Shyorongi ikoreramo,nayo ibabera ikimenyetso cy'uko ubutegetsi bwegereye abaturage. Bavuye aho kuri komini bagana ahitwa mu Kiziba cya Bugaragara, bahura n'umukumbi w'ihene zari zijyanywe i Kigali kugurishwa. Aho naho Umuhire na Muhunde biboneye ubwabo ko ya ntero y'abanyarwanda ngo "ubuhinzi ni umukenyero naho ubworozi bukaba umwitero" atari ibigambo gusa. Nuko bibutse za nkoko z'iwabo zidasiba kubaha amagi, na ya mata y'inka bavuye mu rugo banyoye, bavugira rimwe bati: harakabaho ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda.

Yewe, ibyiza abo bana babonye ntawabivuga ngo abirangize! Bageze mu Kiziba cya Bugaragara, bashobora kwitegereza neza uruzi rwa Nyabarongo n'amakoni menshi arugize.




Bashoboye kandi kwibonera ubwiza bw'icyo kibaya cyuzuye uburumbuke, burumbura imyaka y'abahinzi-borozi bagituriye. Ni koko muri icyo kibaya hera ibihingwa by'amoko menshi, cyane cyane ariko bya bindi ngandurarugo.

Ibisheke bihahingwa nabyo bifitiye abaturage akamaro, kuko bibaha akazi n'amafaranga. Ndetse bifitiye akamaro abanyarwanda benshi, kuko bivamo isukari tunywa, tutagombye kuyitumiza mu mahanga. Uruganda ruyikora ruri i Kabuye hafi ya Kigali.

Urwo ruzi rwa Nyabarongo rero rwateye Umuhire na Muhunde amatsiko menshi, bituma banarwibazaho byinshi:

Muhunde: ruriya ruzi ko ari runini ruturuka he mama?

Mukangenzi: ruturuka iriya kure mu misozi, muri perefegitura ya Gikongoro. Isoko yarwo yitwa Mwogo.

Muhunde: buriya se ruturuka mu isoko yarwo rungana kuriya?

Mukangenzi: oya ntabwo ari kuriya ruba rungana. Ruturuka yo ari ruto, mu nzira rukagenda ruhura n'indi migezi myinshi, amazi yarwo akiyongera.

Muhunde: nibyo koko, nk'uko nirugera epfiriya ruza guhura na wa mugezi wa Nyabugogo twabonye.

Umuhire: buriya se abantu barwambuka bate?

Mukangenzi: barwambuka mu bwato.

Muhunde: kuki se batoga ngo biyambutse?

Mukangenzi: ni rurerure kandi baba batinya n'inyamanswa zibamo.

Umuhire: habamo izihe nyamanswa?

Mukangenzi: hakunze kubamo ingubu n'ingona.

Uùuhire: hariya hakurya se ni ha?

Mukangenzi: ni mu Nduga, muri perefegitura ya Gitarama.

Muhunde: ruriya ruzi se ruri mu yihe perefegitura?

Mukangenzi: ruriya ruzi ahubwo rugabanya perefegitura ebyiri: hariya tureba rugabanya iya Gitarama n'iyi ya Kigali turimo.

Ubwo bavuye aho mu Kiziba bageze ahitwa mu Rwintare, Bigirimana abatekerereza ukuntu aho hantu hari hararahiriwe, kubera ishyamba ry'inzitane ryahahoze, n'ibikoko by'inkazi byaribagamo.



Ngo habaga intare, impyisi, ingunzu, ibirura, za nyiramuha n'izindi. Nta mugenzi umwe cyangwa babiri bashoboraga kuhinyuza, kabone n'iyo habaga ari ku manywa. Uretsekandi n'abo bagenzi byaririraga mu nzira, no mu ngo byateraga yo, bikica abantu n'amatungo. Nyamara uko imyaka yagiye ishira, ni nako abaturage bagiye biyongera, batangira gutema iryo shyamba basha-ka aho batura. Ibisimba byinshi barabyishe, ibicitse kw'icumu birahunga, none dore amayira yabaye nyabagendwa.

Mukangenzi: ariko ngo gutema ayo mashyamba y'inzitane ntibyari byoroshye!

Bigirimana: mbese ahubwo ko byari ingorane! Uwo ibyo bikoko bitahitanaga, byamusigiraga ubumuga atazakira.

Muhunde: ubwo se ibyo bisimba babyicishaga iki?

Bigirimana: babyicishaga imiheto, impiri n'ibibando. Hari kandi n'ibyo bategaga mu mitego, nk'intare n'inzovu. Nyamara n'ubwo amashyamba nk'ayo ya cyimeza yari henshi mu Rwanda, wasangaga mu myaka yashize barayamaze bayatema, hari ibisozi byinshi byambaye ubusa, kandi bitanatuweho.

Mukangenzi: ni yo mpanvu rero abayobozi bacu barebye bagasanga bitagera aho, bakatugira inama yo kubiteraho andi mashyamba, dore ko adufatiye runini, muri iki gihe n'ikizaza.

Bigirimana: Oya nibyo rwose. Icyo gikorwa ubu twese twaracyitabiriye, ariko cyane cyane mu muganda no ku munsi w'igiti. Nyamara se ko nshimye ibyo biti tusatera ibindi, nk'inyamanswa zariho kera ubu zikaba zaraducitse, zizongera kuboneka zite!

Mukangenzi: koko ikibazo cy'inyamanwa zigenda ziducikaho kirahari, kandi gihangayikishije benshi.

Bigirimana: ariko njya nunva bavuga ko ahitwa muri pariki zihari, ko n'umuntu ashobora kujya kuzireba akazibona.

Mukangenzi: nibyo koko muri pariki Nasiyonari y'Akagera haba inyamanswa z'amoko menshi, iziryana n'izitaryana. Zibera zonyine mu ishyamba rya cyimeza rihari, ku buryo ntaho zihurira n'umuntu. Mbese urebye nta mbogamizi na ntoya zimuteye, ku buryo nawe atagombye kuzibuza amahoro.

Bigirimana: ariko se ko amasambu yanga akaba make, abantu kandi nabo bakaba badasiba kwiyongera, aho amahereze ntibazazica cyangwa bakazimenesha bashaka aho batura?

Mukangenzi: ibyo rwose byakorwa n'udatekereza. Kuko aho hantu n'ubwo haba hanini hate, siho hakemura ikibazo cy'ubutaka buke n'ubwiyongere bw'abaturage igihugu cyacu gifite muri iki gihe. Izo nyamanswa ahubwo zikaba zikwiye kwitabwaho, kubera akamaro kanini zidufitiye.

Bigirimana: ni koko uretse n'ibyo, dukomeje kuzitsemba twaba duhemukira n'abana bacu.



Minani - 12 ans

Dore ibitari kure, vuba aha mperutse kuganira n'umuntu, mubwira ukuntu hambere twajyaga tuzinduka

tugiye gupagasa i Kigali. Mubwira ko twavaga i muhira imisambi itangiye guhiga, tukagerayo agasusuruko kamaze gukwira.

Nuko umwuzukuru wanjye twari kumwe niko kumbaza ati: imisambi ni iki sogoku? Guhiga se ni ukugira gute? Kubera iki se mwagendaga itangiye guhiga. Ubwo se agasusuruko ni agaki?

Ndakubwiza ukuri kubimusobanurira ntibyanyoroheye, nawe kandi simpamya ko yanyuzwe n'ibisubizo namuhaye. Urunva rero ko bikomeje bityo mu gihe kitari kure twazajya tubwira abo bana n'abuzukuru bacu nko mu migani duti; "Kera mu Rwanda habayeho inyamanswa z'amoko menshi, habayeho umunyana n'inkima, habaho inyemera n'indonyi, inyange na nyirabarazana, ibiyongoyongo n'ibibiribiri, inyogaruzi n'ingaru, nuko harongera habaho amoko menshi y'ibimera: habayeho imiko n'imyungo, ibibonobono n'ibihondohondo, imirehe n'imimenamabuye, igisura na rwiziringa, tutibagiwe isogi n'isaga." Nuko uko igihe cyagendaga gishira, umuntu nawe agenda arushaho kubitsemba, none ubu ahenshi byarahashize, bijye wahera.

Mukangenzi: mbega ngo ibyiza biradushiraho tubireba, kandi aritwe bizize!

Ubu igisigaye ni uguhaguruka tukarwana ku bisigaye, ntidukomeze kuba ba Barihima,

Bigirimana: none nka za ngagi nunvise zibera kure mu birunga, ngo ntusangeyo tuzihohotere, kandi wunva abanyamahanga baza kuzireba bagatanga amafaranga, igihugu cyacu kikahungukira.

Mukangenzi: erega si ingagi gusa zikurura ba Mukerarugendo, n'ariya moko yandi twahoze tuvuga hari ibihugu byinshi utasangamo n'iyakirazira, uretse za zindi zibanira n'abantu nk'imbwa, injangwe n'imbeba.

Kandi rero n'ubwiza kamere bw'igihugu cyacu ntibuboneka henshi.

Niyo mpanvu abo banyamahanga, iyo bunvise ibyo byose, bibakura iwabo, bakaza kubireba. Ndetse ni muri urwo rwego mu gihugu cyacu tuzakira ba Mukerarugendo benshi mu myaka iri imbere, baje kureba cyane cyane zangagi twavugaga zo muri Pariki y'Ibirunga, kuko ku isi ari twe dusigaranye amahirwe yo kuzitunga.

Bigirimana: rwose uwavuze ko Imana ikunda u Rwanda ntaho yibeshye na gato, kuko ibyo byiza byose ari impano yayo yo gahora iduha. Ntidukwiye kubipfusha ubusa rero, nidutoze abakiri bato gushishikarira kumenya ubwo bwiza bw'igihugu cyacu, bityo bazabonereho kugikunda no kugikundisha abandi.

Mukangenzi: ni koko ntawe ukunda icyo atazi, kandi nta n'ikiruhije kirimo, kubera ko ibyiza tubana nabyo.

None se nka ziriya nyoni z'amoko yose zirirwa zidutamba impande, ntizituririmbira tukanezerwa!

Naho se za nzuki zirirwa zicaracara imbere y'inzu mu busitani, ntiziduha ubuki dukunda cyane!

Biriya biti se na ziriya ndabo ziduha umwuka mwiza byo twabinganya iki!

Aho wenda twavaho twibagirwa ya mariba na za robine tuvomaho! Ubwo se twabura dute kubihozaho ijisho, kandi ariho dukura ya mazi asukuye umubiri wacu ukeneye!

Nyamara rero ntituzite kuri ibyo byose, ngo twibagirwe ko ikidukikije kiruta ibindi ari umuntu.
Ngaho rero nitwirinde icyamuhungabanyiriza ubuzima. Ahasigaye tubane kandi dushyikirane n'abaturanyi, dutere inkunga abatishoboye tutirengagije n'abavandimwe. Ibyo byose nitubigeraho, tuzarushaho kuba beza no kugwiza ibyiza, byo nkingi y'amahoro iwacu.

Icyo kiganiro cya Bigirimana na Mukangenzi Umuhire na Muhunde bagikurikiranye ubwitonzi, ibyo bikagaragazwa n'uko ibibazo byose nyina yababajije kirangiye babimushubije.

Mukangenzi: niko Umuhi, wunvise ibyo navugaga n'umusaza?

Umuhire: nabyunvise mwavuze ukuntu inyamanswa zo muri pariki zifite akamaro.

Mukangenzi: ngo iyo pariki ni ayahe?

Umuhire: ni pariki ziri mu gihugu cyacu, pariki nasiyonari y'Akagera, na pariki y'Ibirunga.

Mukangenzi: ubwo se nkawe izo nyamanswa zigufitiye akahe kamaro?

Umuhire: ngiye muri pariki nazireba, nkamenya uko zimeze, nkabaza n'uko zitwa.

Mukangenzi: ubwo se nitwe zifitiye akamaro gusa Muhu?

Muhunde: oya sitwe gusa, kuko n'abahandi batazizi baza kuzireba. Kandi n'igihugu zigifitiye akamaro kanini, kubera ko abo bajya kuzireba batanga amafaranga.

Mukangenzi: ayo mafaranga batanga se amara iki?

Muhunde: bayakoresha mu bikorwa by'amajyambere nko kwubaka amashuri, kugura imiti, gukora imihanda n'ibindi.



Mukangenzi: naho se ibidukikije byo bidufitiye kamaro ki?

Muhunde: bituma aho dutuye harushaho kuba heza.

Mukangenzi: haba heza hate?

Muhunde: hatuma tugira ubuzima bwiza kandi hakabera n'ijisho.

Mukangenzi: none se twahitaho dute Umuhi?

Umuhire: twatera indabo hafi y'inzu, kubera ko ari nziza kandi zigahumura neza. Kandi ntitugomba no kwica inyoni, ibinyugunyugu n'utundi dusimba twiza, na Perezida yarabivuze abitubuza.

Mukangenzi: naho se abandi bagenzi banyu cyangwa abo muban a ?

Muhunde: nabo tugomba kubana nabo neza, ntiduhore tubashotora cyangwa ngo turwane.

Bigirimana: erega ndunva ibyo twavuze byose ntacyabacitse! Kandi nshimishijwe cyane n'uko mwunvise amabwiriza y'Umukuru w'Igihugu. Muzayakurikize rero, kandi mujye mugira inama abatayunva neza.

Ibyo babivugaga bavuye i Bugaragara bamanuka Rusiga, bagana ahitwa ku Kirenge cya Ruganzu. Bageze aho ku Kirenge, Mukangenzi abaza Bigirimana impanvu aho hantu bahitiriye iryo zina..Undi nawe amubwira ko bahise batyo kubera ikibuye kinini kiri aho hafi y'umuhanda, cyagaragayeho amashusho y'ibirenge, amajanja y'imbwa ndetse n'umuheto n'imyambi. Bakavuga rero ko ibyo birenge ari iby'umwami wo hambere witwaga Ruganzu. Amajanja nayo ngo ni ay'imbwa ze, dore ko ngo yakundaga guhiga cyane; ibyo bikagaragazwa n'uwo muheto n'imyambi byari kuri iryo buye.

Icyakora kubera gusaza no kudafatwa neza, ubu iryo buye ryarangiritse, ku buryo ibyo bimenyetso bitakigaragara neza. Bavuye aho bageze mu mpinga ya Ruganda, ahitegeye umusozi wa Muhondo, Bigirimana avuga asa n'ubabaye ko inzira zigiye kubyara amahari. Koko rero urugendo rwabo rwari hafi kurangira, kubera ko hari hasigaye gusa kirometero zitarenga eshanu kugirango Umuhire na muhunde, baherekejwe na nyina Mukangenzi, babe bageze i Muhondo.

Nuko umusaza niko kubabwira ati: mubyeyi namwe bana, ndishimye rwose kubera ukuntu twahuye tutaziranye tukaba twaganiriye tugashyikirana. Twavuze ibintu dusubira ibindi, ariko cyane twibanda ku byerekeye imibereho n'ibyiza nyarwanda. None sinabura kugushimira mubyeyi, kimwe n'undi wese wunvise ko uburere buruta ubuvuke, ko umwana munyarwanda ari uw'inshuti akaba uw'umuryango.

Abakuye iryo shimwe kandi ni benshi:

- Shimwa wowe mugenzi wigendera, wahura n'uwo mwana afudika, ukamuha kandi utamuzi.
-Shimwa nawe muturanyi utabi gito, wowe ubona uwo mwana wa mugenzi wawe akosa ukamukosora, nta gihembo utegereje.
- Shimwa kandi wowe nshuti nya nshuti, udatindiganya kugoboka uwo mwana wa mugenzi wawe igihe yahuye n'ingorane, nta shimwe cyangwa inyungu ugamije.
-Nimushimwe babyeyi mwese, mwe mudatererana uwo mwana, mukamufata ukuboko mumuha iso nama, zizamufasha mu nzira y'ubuzima.

Umuhire na Muhunde bari bitonze cyane, bakurikira ibyo umusaza avuga. Nuko nawe arahindukira arabareba, ati: nimwushimwe namwe bana mwese, mwebwe mwita ku nama ababyeyi n'ababaruta babagira, mukazikurikiza.

Muhunde ngo abyunve ahita yongorera nyina ati: wamudusabiyenawe akatugira inama mama?

Koko rero Bigirimana ni mukuru kandi yabonye byinshi, nicyo cyatumye agira abo bana inama muri ibi bitekerezo:

# IGITEKEREZO CY'INYONI.

** ******************

Ntare umwami w'ishyamba yabaye aho, aza kugira igitekerezo cyo kuzakoresha umunsi mukuru. Ngo wari uwo kwizihiza imyaka cumi n'itanu amaze avutse. Nuko atuma ku nyamanswa zose kuzaza kuwizihiza. Zabyakiriye neza ziritegura, umunsi ugeze ziragenda, zihurira zose muri pariki y'Akagera aho uwo mwami yibera. Zamaze guterana ibirori bihita bitangira, zirakina karahava. Imikino yari myinshi kandi inyuranye: harimo isiganwa ry'ipara n'imparage, akarasisi k'inzovu n'imbogo, gusimbuka kw'ingeragere, guhamiriza kw'inkende na za maguge, urwenya rw'impyisi, ibivugirizo by'inzoka, kugenda ku mirongo iboneye kw'intozi n'imiswa, imikino yo mu mazi y'invubu, ingona ndetse n'amasamake, n'imikino yo mukirere y'ibinyugunyugu, inzuki amavubi n'izindi. Kuri gahunda y'uwo munsi hagombaga gusheruka inyoni. Nuko barazihamagara , ariko ziza zifite ubwoba kuko zabonaga izindi zazirushije. Ziritunganya zifata neza, umutware wazo azijya imbere atera indirimbo, ziririmba mu tujwi tugororotse. Nuko injyana yazo inyura umwami w'ishyamba n'abari aho bose. Ndetse aba arizo zegukana umwanya wa mbere zitabikekaga. Barazihembye zirara inkera n'inzindi, bucyeye zose zirataha. Inyoni ziraza ziteranira mu ishyamba ryo kuri mont Kigali, kugirango zinegure. Ubwo Kagoma ifata ijambo, izishimira ubwitonzi n'ubutwari zerekanye mu birori, bigatuma zihakura ishema kurusha izindi z'ibihangange zari zihari. Iti none rero, nababazaga icyo twakora kugirango natwe twigembere icyo gikorwa. Igihe zicyibaza, igishwi kiba cyatanguranwe kiti: ashwi rwose ndunva njye nta kibazo gihari. Ahubwo ndihuse ngiye mu Bugesera, nzi ko haba amasaka aryoha ndatoranya imirima yeze neza, maze nze mbajyane tujye kuyarya, tuyarye tuyahage nyine twarakoze. Kikimara kuvuga ibyo Igikona gihita cyicyamagana kiti: hoshi Waho rero, urinda se wajya iyo yose, hariya hepfo mu mugi, muri za mondisi z'abanyakizungu ntiharimo ibyiza biruta ayo mannyagwa y'amasaka. Mwaretse tukajyayo tukirira ibirayi, umuceri ndetse n'inyama. Ubwo Marere igisubiza igikwena, iti: cyono rekera aho kubeshya bakwunvise. Izo nyama n'ibyo birayi urata se, ejobundi sinagiye kureba muri ibyo bigunguru ngasanga nta n'icyakirazira, ari ibihatirwa by'ibirayi n'ibigufwa byambaye ubusa byibereyemo. Ifundi ngo ibyunve ivuga ituje iti:cyo nimusigeho guterana amagambo. Ahubwo njye ndasanga ibyiza ari uko twakwigira mu mpinga ya Mbirima na Matovu, tukirira uburo buhari. Isandi irasakabaka iti: cyangwa se tunyarukire i Byumba turye za ngano zaho, nazo muzi ko mu kuryoha zarahiriwe. Umusure urazitwama uti: ariko se murinda mwakwirushya, tuza ntimwabonye bya bihwagari byeze hariya hakurya i Masaka! Ubwo se tunyarukiyeyo ko ho atari kure, ntitwabirya tukabona gukomeza urugendo? Nuko inyoni hafi ya zose zemera iyo nama yo kujya kurya ibihwagari. Ishwima zizo zonyine zasigaranye ingingimira, Inyombya izibajije impanvu zitishimye, ziyisubiza ko zitakwihanganira kurya zitanywa. Zemeye kujya kurya ibyo bihwagari, ariko ngo zarangiza zikanyarukira no mu Mutara, gushaka uturaso tw'inka two kurenzaho. Nyamara Inyange zahise zizikurira inzira ku murima ziti: cyo nimusubize amerwe mu isaho bene inka bazikomeyeho.

Ubu bose bafashe umugambi wo kuzororera mu biraro, mu nzuri aho twajyaga twirirwa duhagararanye ntiwahasanga n'iyakirazira. Igihe inyoni zose zimaze kwinigura, Inyamanza ikuze isaba ijambo irarihabwa. Iti njye sinvuga menshi ni icyifuzo nagirango mbagezeho. Murabona koko dukwiye kwiterera hejuru ngo twakoze ibitangaza, tutarashimira n'uwo dukesha ubwo bushobozi? Usibye n'aya majwi yacu yanyuze benshi, murabizi ko ibyiza yadukoreye bitagira urugero. None se iyo mubona tugendera mu kirere hejuru y'ibindi biremwa, mukeka ko ari andi mayeri cyangwa imbaraga tubirusha? Ikindi kandi, dore murahitamo impeke nziza mushaka kujya kurya. Harya iyo mubona mutanga umubibyi kuganura, ni uko muba mwiyushye akuya kumurusha? Nuko inyoni zose ziriyunvira, ariko habura n'imwe yagira icyo isubiza. Inyamanza irakomeza iti: dore rero inama nabagiraga ni iyi: ibyiza Imana yadukoreye ntibigira urugero, ntacyo rero twagombye gukora tutabanje kuyishimira no kuyisingiza. Ndetse bikaba intego yacu ya buri munsi, mbere yo kugira undi murimo tujyaho tukayiragiza. Nuko inyoni zose zishima iyo nama, zitangira kuririmba ibisingizo bya Nyiribiremwa. Kuva uwo munsi kugeza n'ubu, zirizindura zigasenga mbere yo kujya ku yindi mirimo.

None bana, muramenye ntimuzarushwe ubutwari n'inyoni. Ibyiza Imana yabahaye kandi idasiba kubagirira birahebuje. Mwaratoneshejwe umunsi ibaha ubwenge busumba ubw'ibindi biremwa, ngaho nimukoreshe kandi muyishimire.

*Nuko rero murajye musenga Imana, muyiragize kandi muyiture imirimo yanyu ya buri munsi.

****************************************

# IGITEKEREZO CY'IMBEBA.

*********************

Kera nta mbeba yabaga mu rugo, zose ziberaga mu gasozi zigatungwa n'imbuto zo mu kinani. Nuko inzara iratera, umugabo Sentabyo mwene Sebyatsi ahaguruka iwe mu Busanza bwa Kanombe ajya guhaha mu Bugesera. Agezeyo asanga n'ubwo naho izuba ryacanye atari abo gufpa. Bamuhaye icyate arashishikara arakora, akirangije bamuha uruboho rw'amasaka arataha. Yaraje ageze hafi y'iwe yunva arakubwe, ndetse ntiyashobora kwihangana ngo agere mu rugo. Atura wa mutwaro yari yikoreye arambika aho, agana munsi y'inzira kwitunganya. Imbeba ya Mushushwe yari hafi aho yishakira ibyo irya igira amatsiko, yegera ya masaka irinukiriza, yunva birahumura neza, irumyeho yunva biraryoshye, ntaho bihuriye n'ibyo yari isanzwe irya. Nuko isesera bwangu muri rwa ruboho irahekenya, irahekenya, muri ako kanya Sentabyo aba araje. Yabatuye umutwaro we arikorera, ariko yikoreramo ya mbeba. Nuko ageze iwe aratura bajyana mu nzu, nawe ajya kwiruhukira. Ubwo imbeba irara kuri ya masaka, iyahaze irya no ku bikoba byari mu kimuga hafi aho. Bwarakeye irașibira, ikomeza kwirira kuri iyo mpeke. Nuko ku munsi wa gatatu Mushushwe ihengera ntawe uyireba, ikirura amabondo irataha. Igeze iwayo isanga bararize barihanguye, bazi ko yapfuye byarangiye. Nibwo ibatekerereje aho yatindiye n'icyayitindije. Iti none ndunva igisigaye ari uko twatuma kuri bene wacu aho bari hose, tukajya kwibera kwa muntu haba akaryoshye. Abana bayo barayibaza bati: ariko se tuzajya kwa muntu tujyanywe no kumurira ~~akaryoshye kumurira~~ ibye aho azabitwemerera ntazatwica? Imbeba iti: nimuhumure ntacyo tuzaba, muntu aturusha ubutwari ariko ntaturusha amayeri. Naho ubundi uko byagenda kwose, akaryoshye nabonye yo ntawakiziza. Nibwo imbeba zikoranye ubwo, aho zari mu myobo no mu bishyinga zipfupfunukamo, ndetse n'iyaraye itutse ntiyasigaye.

Nguko uko izo mburagasani zateye iwacu, ubu zikaba zaratumaze ku tuntu. Urebe n'ukuntu zigira isoni nke zo gatsindwa, no ku muntu ntisitinya kurumaho. Zigashunaho zigahuha, bityo bityo, bwacya ugasanga agatsinsino k'ikirenge zagakoreye ibya nfura mbi. Muntu yagerageje kuzitega n'ibifuma, byanze akoresha imitego y'ibyuma ariyo Rwagakoco, agera n'aho akoresha ibinini byo kizica, ariko byose byabaye iby'ubusa. Yewe, na Nyirahuku yarariye irahaga, aho bigeze irazibukira. Nazo kandi zanze kuva ku izima, ngo zizemera zipfe, ariko izisigaye zikomeze zibere mu gisenge cy'inzu, no mu nfuruka zayo, aho gusubira kuba mu myobo nk'intozi. Kandi ngo zabonye indyo iryoshye kwa muntu ntizarota zisubira gusangira inyanya n'inyoni.

Nyamara rero bana, ikibabaje nuko ngo no muri mwe haba harimo abakorakora kusirusha. Abo nibasigeho, birinde kwikoreramo kandi bafite ababaha, ejo batazashyekerwa bagafatwa bubeba.

*Nuko rero murajye musaba muzahabwa, maze mujye mufata icyo muhawe icyo mwimwe mugitinye.

*****************************************************

# IGITEKEREZO CY'IMBWA RUKUBASHYAMBA.

Kera nta tungo ryannyaga mu rugo, ndetse n'inka ntizahannyaga. Zataga amase mu rwuri aho zabaga zagiye kurisha. Nuko umunsi umwe zahutse, sinzi uko Rwirungu yarebye umushumba ku jisho, irakubirana iza kwona utugozi twari mu rutoki hafi y'urugo. Yarahageze ibona Nyirakamana arasoroma imboga iruhande rw'ikirundo cyari gihari. Yamaze gutaha Rwirungu yegera ha handi yasoromaga, isanga icyo kirundo ari icy'amase yazo. Byarayitangaje ariko iryumaho, isubira kwirishiriza. Igihe yunamye yufaguza, yunva umushumba yayigezeho arayihondagura. Ngo inkoni ebyiri yayikubise mu mbavu zarayishegeshe, ariko iya gatatu yayikubise mu gutwi ntizigera iyibagirwa. Ubwo yasubiye mu rwuri itunva itabona, yiririrwa izungerezwa yananiwe kurisha. Aho zitahiye nimugoroba zigeze mu rugo, yegera za Mukara na za Bihogo, zihamagara za Bugondo na Kibamba ndetse na Gaju na Sine, nuko za Gitare nazo zimaze kuhagera, izitekerereza ibyo yari yabonye. Iti nubwo nakubiswe bwose, nibura nari nariye ibiryoshye kandi nabonye n'ibyo nari nzi! Njye najyaga ngirango abantu badukundira amata yacu banywa n'inyama zacu barya, cyangwa se impu zacu bambara, none n'ibyatsi bimera mu mase yacu barabisoroma! Ndetse wasanga baba babijyanye kubirya!!! Akanyana ka Mukara gasigara mu rugo kati: unva re, nuko nanze kubibabwira ngo batazabimenya bakankubita, naho ubundi mutinda kurenga irembo, wa mukobwa uba hano akansanga mu kiraro, nkabona arashakashaka aho naba naneye mu cyarire, maza yayabona akayakamata yose yose akayajyana. Dore ikirundo cyayo kiba hariya munsi y'urugo, icyo bayamaza nicyo ntazi. Rwirungu iti: mbaaa..., ntimwiyunviye se kandi mwagize ngo nababeshyaga! Mukara iti nimwicecekere ndaza kwijijisha nanjye mpannye, ndebe ko baza kuyajyana. Bimaze kuba mu kabwibwi bayiha iyayo, umushumba azana icyansi aca bugufi arakama. Igihe ahumuje agiye guhaguruka, Mukara uko yakabivuze ihuruza igishwemu cy'amase n'iruhande rwe ngo po. Umushumba aragenda atereka amata, Mukara nayo isigara ifite ubwoba ko igiye gukubitwa. ~~Nyma~~ Nyamara rero siko byagenze, ahubwo byarayitangaje ibonye bayihanaguye ayo yari yitayeho ku kuguru, bakuyeho n'ayo yari imaze kunnya. Izindi nazo zibibonye zitangira kunnya ubwo. Mbese wagirango ziri mu irushanwa, bucya mu kiraro zahujuje. Mugabo na Nyirakamana babyutse barabireba barahora, zimaze kwahuka Nyiramatama atangira akazi ko kuzikukira. Ihene zari aho zirabyitegereza, ziti amahurunguru yacu ntahabure. Inkoko n'imbata nazo ziti twatanzwe. Nu kanya gato urugo ruba rwuzuye amahurunguru, amatotoro n'amaganga. Nyiramatama nawe arashishikara arakuka, ndetse aho bigeze na nyina aza kumufasha. Reka rero imbwa Rukubashyamba yabaga muri urwo rugo itahuke iyo yari yazindutse ijya guhunahuna, n'igera mu rugo yitegereze ibyabaye biyishobere. Niko kujya kubaza akanyana ka Mukara. Akandi kayisubiza n'ibyishimo byinshi kiterera hejuru kati: irebere nawe dore twakomorewe, kuva ubu ni ukujya tunnya mu rugo uko dushatse nyine. Rukubashyamba iti ni icyo napfaga. Igira itya irasutama, igihe igiye gutekurura, Mugabo aba yayibonye. Nuko ahuruza umujugujugu no mu tubavu twayo ngo tiku... Imbwa igenda yiruka itaka cyane, iti ndabibonye nzize akagambane nzize akagambane weee...!

Aho igarukiye mu rugo nimugoroba icumbagira, intama irayegera ngo iyikande. Nuko imbwa n'umujinya mwinshi isingira igisembesembe cyayo, irakizunguza yenda kugica mo kabiri. Intama yiruka ivirirana itaka, imbwa nayo ariko iyituka. Iti ndagenda musigara munteranya na databuja, none muje no kunyigamba hejuru! Ba sha, harya ngo amabyi yanjye aranuka kurusha ayanyu? Muribeshya ariko urwo rugo nanjye nzarunnyamo, kandi ninkira tuzabonana.

Ngaho aho ubwunvikane buke bw'imbwa n'andi matungo bwaturutse. Ikirirwa iyahiga iyabuza amahoro, ndetse iyo iciye urwaho ikayiniga ikayirya. Zene Rusake nizo zibizi. Nyamara se ko iba izirenganya, zayireze ryari uretse kuzikekera ubusa. Ngaho rero, aho se mwe iyo mwakoze ikosa bakabahana, ntimwaba mupfa gukeka ko mwarezwe na bagenzi banyu, kandi wenda mubarenganya?

* Nuko rero bana, murajye mwirinda gukekera abandi ubusa no kubagirira inzika, kandi mujye mwigana bagenzi banyu mukora ibyiza, ibibi mubireke.

# IGITEKEREZO CY'INZOKA N'UMWANA WAYO

*************************************

Inzoka ubundi zibaniraga mu muryango umwe, zikamenyana zigafashanya. Nuko zibigenza gutyo imyaka irashira indi irataha. Zajyaga guhaha zikajya ibihe, umunsi umwe hakagenda Impiri n'Imbarabara, undi munsi hakagenda Incarwatsi n'Inshira, ubundi hakazagenda Inziramire, Insha, n'Ibiryambeba. Kandi rero muri uko guhaha kwazo, hagendaga izifite imbaraga, abana bato n'abasaza bagasigara mu rugo. UMa Umunsi umwe igihe Imbarabara zari zatahiwe, zaragiye zigeze mu gasozi zihasanga abashumba barazica, izishoboye guhunga zitaha nta mafungurozijyanye. Zageze mu rugo zitekereje i-zindi uko byazigendekeye, inkuru muri zo zirumirwa, naho abana barazitukagura ngo nizisubireyo zishake ibyo barya barisonzeye. Nuko zirara kuri iyo nkeke, bucyeye hagenda Inshira kuko arizo zari zitahiwe . Nazo zageze mu ishyamba zihasanga abasore baje kwasa inkwi, bazahukamo barahondagura, ariko nazo ziranga zihagararaho. Zarabaciriye biratinda, ndetse biyemeza guhunga, ariko nabo bagenda bishemo za nkana. Izisigaye zashatse ibyo zishoboye ziratahа, ariko zibigejeje mu rugo abana bararya ntibahaga, abakuru bo batahira aho. Nyuma yaho nabwo byakomeje kugenda bityo, inzoka nkuru ziranamba ndetse bituma zikurizamo kurwara ziraremba, ntizaba zigishoboye kujya guhaha. Abana babibonye gutyo barivumbura barazisiga, batoroka urugo bajya kwigira ibihomora mu ishyamba . Nuko inzoka zirapfa zirashira, hasigara Impiri ishaje, igaragurika. Igihe yari hafi kunogoka umwana wayo anyura hafi aho, amubonye arihitira ntiyirwa anamuvugisha. Yabaye agitirimuka Se atangira kumuhagara agira ati: mwana wanjye rwose winsiga mu kangaratete garukira aho nkubwire. Umwana aragaruka ariko agononwa aramwegera, ise amabwira n'akajwi karembera ati: mwana wanjye dore uko nabaye uku, sinkiva aho ndi kubera uburwayi n'inzara, kandi dore n'abavandimwe bacu bose barashize sinkigira uwo niyambaza. None nkaba nagirango unyarukire hirya aho uhige, urebe ko wambonera utunyugunyugu cyangwa udusazi ntamire ndunva ngiye kuvamo umwuka. Umwana ngo yunve ayo magambo asubiza se n'agasuzuguro kenshi ati: uracyateta wowe, ntuzi ko ubu ibintu byakomeye ari ukwirwanaho. Maze utwo dusazi n'utwo tunyugunyugu ntubonye nabura kutwitamirira, ngo ndatukuzaniye! Ati ngaho ndetse winkereza njye kureba ko hari icyo natora nanjye ndunva igifu kimbaza. Aragenda ngo yigire imbere gato ise yongera kumutakambira ati: noneho ubwo udashobora kundwanaho, reka ngutume kuri bakuru bawe, ubambwirire babanguke mbasezereho, noye gupfa ntababonye mwana wanjye. Umwana ati: n'ubwo waratinze. Niba ari urubyaro rwawe wari urindiriye ntukirubonye. Dore natwe kuva twava muri uru rugo ntawe uraca undi iryera. Umwe yanyuze ukwe undi ukwe, none singiye kwirwa mbunga imisozi nshaka abo ntazigera mbona. Ise ati noneho ubwo ibyo byose binaniranye, reka nkwisabire ikintu cya nyuma: rwose wihangane gato mbere yokugenda ubanze undenzeho agataka noye kuzaribwa n'ibisiga, njya mbona byiririrwa bintamba hejuru, bitegereje ko nogoka ngo binshoke. Umwana ati shyuuu..., ntibizi kukurya n'ubwo byaratinze. Amuta aho arigendera.

Nuko Impiri ngo yunve ayo magambo agahinda karayegeka, ariko mbere yo kwirambura isiga iciye iteka ko nta gikurura inda

cyo mu bwoka bw'inzoka kizongera kwarushya ngo kirarwana ku rubyaro. Kuva ubwo kugeza na n'ubu, inzoka iheruka itera amagi, ibindi si akazi kayo.
Bana rero, ngo no muri mwe haba harimo abahemu, batererana ababyeyi babo, cyangwa ntibafashe abanyantege nke.
Ibyo rwose ni ukubiharira inzoka ntibikwiye mwene muntu. Mujye muzirikana buri gihe ko babarwanyeho aho mutari mwishoboreye, ko kandi ineza yiturwa indi.
* Nuko rero murajye mwita ku babyeyi mubafashe, cyane cyane abageze mu za bukuru, kandi mujye mwibuka ko gufasha abatishoboye ari umuco mwiza wa kinyarwanda.

# IGITEKEREZO CY'ABANA BABIRI.

****************************

Abana babiri, Gahima na Gahire barahuye baraganira:

Gahima: sha, bajyaga bandatira icyaro ngo ni cyiza, ariko nasanze abakibamo mwaragowe kabisa!
Gahire: twagowe dute se?
Gahima: ntimusirimutse nkatwe twibera mu mujyi.
Gahire: gusirimuka ni iki?
Gahima: unva mbese, ni ugukurikira wa muswa we!
Gahire: ukurikira iki?
Gahima: ibigezweho.
Gahire: nk'ibiki se da?
Gahima: nka mode yadutse, n'ibindi.
Gahire: hanyuma se wayikurikira?
Gahima: ukajyana nayo.
Gahire: mujya he se?
Gahima: unva ra! Kugaragara neza.
Gahire: ibyo gusa! Akaba aribyo mutahira?
Gahima: si ibyo gusa, hari n'ibindi.
Gahire: ngaho se komeza umbwire.
Gahima: turanajijutse kubarusha.
Gahire: mujijuka mute?
Gahima: e wana, vire irakabaho haki ya mungu. Kuyivivamo ni ukuryoha bigatinda tro. Verema mwa si ukukwirariraho, iyo nza kuvukira muri la komini mba narashavuye kabisa. Ndetse mba narahise niyaranja singumeyo.
Gahire: yooo..., mbe Gahi, mbese ni ibyo kujijuka wambwiraga?
Gahima: hanyuma se ubigaye iki? Urunva se ntazi kuvuga indimi nyinshi uretse wowe ucungira ku kinyarwanda gusa.
Gahire: cyo se ukigaya iki?
Gahima: reka cyo ni igisanzwe, twarakibahariye.
Gahire: ba nde?
Gahima: ba mwebwe b'abaturage.
Gahire: sha, uwo wita umuturage ni muntu ki?

Gahima: ni nkawe, n'undi udasirimutse wese.
Gahire: yewe, urantangaje cyane! Ese ubundi ubwo ujya wunva radio?
Gahima: reka nta gihe nabona! icyakora rimwe narimwe iyo harimo umuziki ugezweho ndayunva.
Gahire: ubundi se?
Gahima: wimbazaguza ye, menya gusa ko nikundira video.
Gahire: erega n'ikiganiro cy'abana ntugikurikira!
Gahima: have se winsuzugura. Uko ngana uku sha?
Gahire: yewe, ndumiwe n'ukuri. Ariko se ubwo busirimu urata ubugura iki ra?
Gahima: amafaranga arabuze se?
Gahire: ubwo se ukorera angahe?
Gahima: nta na rimwe.
Gahire: none se uyavana he?
Gahima: kwa data na mama.
Gahire: mbe sha, urabiba rero?
Gahima: reka yewe si ibyo navuze.
Gahire: baguha angahe se?
Gahima: bayanyima nkikoreramo. Gusa bapfa kutambona, kandi nanjye sinkabya.
Gahire: ese ubundi ubwo ubamariye iki?
Gahima: ndarya nkaryama, ubundi ngatembera cyangwa ngakina.
Gahire: wowe se ubwo wimariye iki?
Gahima: urabona mbuze iki?
Gahire: naho se mu ishuri ra?
Gahima: ugize ngo mu ishuri! Yewe, ho nta kigenda kubeshya ni kubi!
Gahire: kubera iki?
Gahima: mwarimu ntasiba kumpana ngo ndakubagana.
Gahire: wabiretse se?
Gahima: ngakora iki se sha?
Gahire; unva ra, ukiga nk'abandi.
Gahima: reka simbikunda.
Gahire: ubyangira iki?

Gahima: bintera ubute.

Gahire: none se shahu uzamera ute mu minsi iri imbere?

Gahima: ngo ejo nzamera nte? Iririre. Imari ya data se ntihari?

Gahire: ko wunva ari iya so se ni iyawe?

Gahima: ariko uzi ko ibyo ntajya mbyibaza!

Gahire: dore rero shahu nkugire inama, niba ushaka unyunve.

Gahima: ngaho se gira vuba, kandi uvuge bike.

Gahire: unva gusirimuka simbyanze, ariko ndunva warabifashe uko bitari.

Gahima: wowe se ubifata ute?

Gahire: nkomera ku by'iwacu, iby'ahandi byaza ngashungura.

Gahima: ngo urashungura? Gushungura se ni iki?

Gahire: ni ukuvangura.

Gahima: uba. uvangura iki se?

Gahire: nvangura ibibi n'ibyiza.

Gahima: ubwo se ibyo wita bibi ni nk'ibihe?

Gahire: ni nk'izo mode zigezweho urata kandi zihenda, ni nka ziriya nvange z'indimi nahoze nunva uvuga,...

Gahima: rekera aho shahu kuntukira ibintu tudatongana.

Gahire: unva mbese, maze bavuga ibigoramye umuhoro ugatangira kwirakaza.

Gahima: nagusabye kumbwira ibyiza, naho iby'umuhoro ubyihorere sinawo twavuze.

Gahire: ibyiza nabyo ni byinshi: Kwambara ibidahenze kandi bisukuye ni byinshi, nk'uku kwanjye mbese! Kuvangura indimi nabyo si bibi, kimwe no gushishikarira kwiga no gukora. Kurarikira iby'ahandi utaye iby'iwanyu byo biragatsindwa, kwishimira ibyo ufite akaba aribyo bya mbere.

Gahima: hanyuma se wowe ibyo byose urabikora, cyangwa ni ibigambo gusa?

Gahire: oya rwose ibyinshi ni ibyo nkora, kandi nkanabishimirwa.

Gahima: bimbwire muri make.

Gahire: mu ishuri ndashishikara nkiga, no mu rugo kandi iyo ntashye nfasha ababyeyi cyangwa nkakenura amatungo yanjye.

Gahima: unva mbese ngo aranyirariraho. Ubwo se ufite matungo ki ra?

Gahire: inkwavu ni eshanu, naho inkoko ni umunani.

Gahima: ubwose uzorora ute?

Gahire: uko [illegible]

Gahima: ubwo se wunva bimaze iki?

Gahire: birakimaze cyane: amagi y'inkoko ndagurisha, n'inkwavu kandi kubera ko zororoka vuba nzikuramo amafaranga.

Gahima: ubwo se ubona angahe?

Gahire:ntabwo ari make. Ndikenura nkabitsa no muri banki y'abaturage.

Gahima: ubwo se nibyo koko?

Gahire: none se nkore iki kugira go wemere? Menya ko nk'ubu akarima k'amashu niharitse maze kugakuramo amafaranga arenze magana arindwi.

Gahima: mbega ngo ndirangaraho! Sha, ubu nanjye ngiye gutangira norore. Rwose n'ukuntu nkunda amagi, ubu noroye inkoko nkeya nibuze sinajya mbona ayo kurya tutagombye kuyagura!
Kandi nabonye n'inzu yazo itaruhije kuyubaka. Ndetse n'ibiryo byazo ngo ntibihenda.

Gahire: wakabimenye se. Ariko se uretse amagi, akanyama ko nturebaho?

Gahima: unva ga nawe, ahubwo nzikunda kurusha abandi.

Gahire: burya rero agakwavu karyoha kubi! Rero maye abanyenote ngo mwiririra bya bifi bituruka mu mahanga, na bya binyama byo mu makopo.

Gahima: erega si bibi! Icyo nzi gusa ni uko bihenda, kandi n'ihohaboneka ibya make.

Gahire: hanyuma se ni kuki bahururira iby'ahandi, kandi n'ino nyine hari ibihendutse ndetse bibirusha no kuryoha? Ubwo se baba babara koko?

Gahima: ngo babara! Bamwe ntibazi n'iyo byerekera, bapfa kubona ibinote bipanze gusa.

Gahire: none se bagiye nibuze bakurikiza inama nziza Umukuru w'Igihugu adasiba kutugira agira ati;" Tubeho kinyarwanda, dutungwe n'ibyiwacu mbere yo kurarikira iby'ahandi."

Gahima: none se si kwa kwibeshya no kwisuzugura bibwira ko ibiturutse ahandi biza biruta iby'iwacu!

Gahire: Gahi, ndunva noneho nawe utangiye kungarukira, ugende ubwire n'abo b'iwanyu biyita abasirimu bajye bamenya gutoranya, bityo barorere kuba ibirumirahabiri.

Gahima: ye? ugize ngo iki sha? Ngo ndi ikirumirahabiri koko? Nta soni kuntuka? Dore uko asa uko n'ibishati bibi.

Gahire: irate buhoro rero. Wagizengo wowe si ibyo bigutiya ubunza ngo ni amapantaro. Reka ndetse nguhunge nigendere.

Ntibyatinze muri ako kanya hatunguka umugenzi, ati ni ibiki mwa bana mwe ko mushyamiranye mushaka kurwana? Bamusobanuriy icyo bapfuye arabaseka cyane, ati cyo nimusigeho mwipfa ubusa!

Uzababazwa n'uko yavukiye i Rwanda, akabyarwa n'abanyarwanda, akinubira ko yarezwe kandi agatozwa kubaho kinyarwanda, uwo arajye gushaka ivuko rishya n'ababyeyi bandi ahandi. Nyamara se ko umuntu avuka rimwe risa, aho ntuzabibura siwe tuzabona arindagira nka cya kirumirahabiri mwapfaga mwa bana mwe? Ngaho nimumbwire niba mbeshya!

Nuko Gahire arebana na Gahima baraseka, bakiranuka batyo bakiranuwe n'umugenzi. Ndetse bamushimira umwanzuro mwiza abahaye, w'icyo kiganiro bari bagiranye.

Bityo nanjye ngasozera uwo mwanzuro mbagira iyi nama ya gatanu. N'ubwo kandi nayo ari ingenzi nk'izindi, ni n'icyuzuzo cyazo.
* Nuko rero bana, murajye mwishimira ko mwavutse i Rwanda igihugu cyiza cy'amahoro, mwongere mwishimire ko muri abanyarwanda kandi mujye mukomera ku bunyarwanda bwanyu.

Maze rero ngo ugira Imana agira umugira inama, ariko rero bana, namwe mujye mushyiraho akanyu, bityo Imana izabafasha.

Mbega weee....., Umuhire na Muhunde basaga n'abatwaweee... Ntibigeze bamenya igihe ya Taxi yahagarariye, igeze i Muhondo.
Mukangenzi ati: mbe Umuhire ni ibiki ko udakoma?
Umuhire: nari nakomeje kwunva izi nama uyu musaza yatugiraga. Ni nziza kandi nzajya nzikurikiza.
Mukangenzi: naho se Muhunde wowe bite?
Muhunde: nanjye nashimiye ibyo nabonye byose kuva mu rugo kugera hano, kuko hari byinshi ntari nzi. N'izi nama kandi tuzajya tuzikurikiza, kuko hari byinshi tutakoraga.

KOKO RERO UMUHIRE NA MUHUNDE BABONYE KANDI BUNGUKIYE BYINSHI MURI URWO RUGENDO RWABO, BAVA KU KACYIRU BAGANA I MUHONDO.

§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§

1

Titre:

10

UMWANA W'I RWANDA.

££££££££££ .££££££

# UMUHIRE NA MUHUNDE BAGIYE I MUHONDO

********************************

10

2

MWANA W'I RWANDA,
waba mukuru cyangwa muto, ni wowe nandikiye.
Aka gatabo kazagufasha kwimara irungu uterwa no kutabona ibyo usoma bihagije, kandi nyamara ubikeneye.
Si ibyo gusa, cyane cyane kazakwungura byinshi mu bumenyi bwawe, kuko uzarushaho gusobanukirwa n'imiterere y'uwo muryango uvukamo, bityo ukanamenya isano ufitanye n'abavandimwe bawe.
Maze kubera ko ari nawe Rwanda rw'ejo, bizaba ngombwa ko utozwa kandi ugashishikarira kurumenya, kugirango uzarusheho kurukunda. Nuko ejo hazaza uzarwitangire utizigamye, uzi icyo ukora.
Kandi rero n'ukurikiza izo nama abakuruta bakugira, sinshidikanya ko nawe mu gihe kiri imbere uzaba uri umubyeyi ubereye abe, n'igihugu cyamubyaye.

Kagire Imana n'ababyeyi.


Kigali le 15 mars 1990

* UWONKUNDA, wowe cyuzuzo cy'urukundo ababyeyi bawe bakesha umugisha w'Uhoraho, ngutuye aka gatabo.

* Mubyeyi wabyaye kandi nyakubyara, sinkubwiriza uri mukuru kandi ntukuriye ubusa. Nuko rero urarere, urerere Imana urerere n'Igihugu, nyamara ntuzibagirwe ko uwo mwana munyarwanda ari uw'umuryango.

* Nawe mwana w'i Rwanda, uwo uriwe wese n'uko ungana kwose, unyunve nkugire inama isumba izindi. Gana kw'iriba ry'ubunyarwanda, maze uhavome impanuro z'ababyeyi. Kandi ujye uhora uzirikana ko nta RUTUGU RWAKUZE NGO RUSUMBE IJOSI.

Ibiruhuko bya Noheri byari byegereje, dore ko hari hasigaye gusa ibyumweru bitatu ngo bitangire. Kubera ko Noheri tuyifata nk'umunsi w'umuryango, umunsi w'abana n'ababyeyi, wasangaga mu mashuri abarimu bibutsa abana kuyitegura neza, bakazasanganira akana Yezu bacyeye, ari ku mubiri, ari no ku mutima.




Koko rero Noheri ishimisha abana cyane, kubera ko buri wese aba afite icyo ayitezeho cy'umwihariko. Iyunvire uko abana biga mu mashuri abanza ku Kacyiru babiganiraga: njye nshimishwa cyane n'ibintu byiza iwacu batugurira: imyenda, ibikinisho, za bombo na fanta, n'imigati.

Nanjye nshimishwa n'uko iyo Noheri yabaye dutumira abandi bana, maze tugasangira ibintu byiza iwacu baba baduteguriye: ibiryo biryoshye, ibyo kunywa by'amoko menshi, amabombo n'ibindi! Njye rero nikundira na misa ya Noheri, maze nkajya kureba akana Yezu mu kirugu.

Bose bakomeje kurata ibyiza by'uwo munsi, baza kugera kuri Rugwiro. Bamubajije icyo abitekerezaho, ati: rwose ibyo ni ibisanzwe kuri njye. Nimureke ahubwo mbabwire ibyiza nabonye mu cyaro kwa sogokuru, kubera ko ari ho nunviye Noheri y'ubushize. Bwari ubwa mbere njya i Karama nkahamara iminsi, ariko ni ukuri nasanze ari heza, haba ibintu byinshi kandi byiza abana baba mu migi tutamenya. Ubusanzwe iwacu mu biruhuko naramukaga nikinira, saa sita yagera nkajya kurya, nyuma ya saa sita ngatembera cyangwa nkajya gusura abandi bana twigana, ntegereje ko bwira ngo njye kuryama. Kwa sogokuru rero ho siko byari bimeze! Nafatanyaga n'abandi bana gukora uturimo two mu rugo, n'ubwo ibyinshi byantondaga. Nyamara sinatinze kubimenya, kubera ko abanyerekeraga. Kandi rero ntacyatuvunaga, twakoraga twishimye. Tuvuge nk'iyo twajyaga gutunda ibishyimbo mu murima, buri wese yahambiraga agatwaro ke vuba na vuba, maze tukikorera tugatanguranwa kubigeza mu rugo, no gusubirayo bikaba uko. Iyo twabirangizaga twajyaga gushaka ubwatsi bw'amatungo. Naho buri wese yaharanira-


Uwase - 12 ans

ga gushaka bwinshi kurusha abandi, kuko twabaga twasezeranye ko urazana buke nawe aza kubona ibiryo bike. Nuko bigatuma buri wese ahishikara agakorana umwete, ngo ataza kubona isahani iriho ubusa,usibye ko twabivugaga twikinira nyine. Iyo imirimo yarangiraga rero twarakinaga, tukidagadura koko. Imikino yacu yari myinshi kandi inyuranye. Twabangaga umupira mu birere, maze tukawutera ye! Twakwunva tunaniwe tugashinga urukiramende tugasimbuka. Uwo mukino narawukunze cyane, usibye ko nabanje kujya ndunera, bakanseka, Ubu ariko nanjye narabimenye, ndetse muri mwe ntawe twapima. Naho rero nimugoroba iyo twabaga duteranye twese twarabyinaga, tukereka umusaza n'umukecuru animasiyo nziza twigira ku ishuri. Twahanaga n'ibisakuzo, nuko mbere yo kuryama nyogokuru akaducira umugani, tukaza gusinzira twishimye.

Aho i Karama nahamaze ibyumweru bibiri, ntashye sogokuru ampa inkoko ebyiri, isake n'inkokokazi.

Izo nkoko nazigejeje mu rugo nzorora nkurikije uko babitwigisha mu ishuri. Ubu zaragwiriye ntitukirwa tugura amagi, ndetse n'inyama iyo tuzishatse turazibona.

Rugwiro yamaze kubwira ayo magambo bagenzi be bakomeza kwimara amatsiko bamubaza ibibazo byinshi. Ndetse abenshi bemeza ko bazanyurwa ari uko nabo bigiriye iyo mu cyaro, bakirebera koko niba ibyo ahashima ariko bimeze.

Ntibyatinze saa sita bageze mu rugo, Muhunde yihererana mushiki we Umuhire, maze amusubirira mu byo Rugwiro yari yababwiriye ku ishuri.

Ati none rero, nagirango unfashe tuze gusaba papa na mama uruhushya, natwe kuri Noheri tuzajye kwa sogokuru.

Umuhire: ngo kwa sogokuru? Aho se nihe ko ntahazi?

Muhunde: urahazi nyamara. Ibuka ahantu twigeze kujya kera turi kumwe na ba mama, maze abantu bakabyina. Hari habaye n'umunsi mukuru.

Umuhire: ni ha handi se twagiye mu misa, maze mama agaterura akana gato bari bagiye kubatiza?

Muhunde: oya ye, aho wowe uvuga ni i Rwamagana. Ako kana se si ka kandi kitwa Nadine mama yabyaye muri batisimu?
Umuhire: aho handi uvuga rero ndunva ntahazi.
Muhunde: ariko nta hantu twagiye, bakaduha amata mu gikombe kinini tukayasangira. Ubwo ntiwibuka koko? Ndetse baduhaye n'ibindi bintu bijya kumera nka fanta sitoro, umuzungu uhaba atubwira ko byitwa umutobe.
Umuhire: eee..., ndibutse koko. Aho umbwira se si ha handi twabonye umukecuru wari ufite igikoni kinini? Wa wundi waje kuturamutsa tukihisha kuri mama?
Muhunde: yego koko wa mukecuru di! Wawundi wari ufite imisatsi y'umweru gusa!
Umuhire: none se kuki uvuga ngo ni kwa sogokuru kandi mama yaratubwiye ngo ni kwa papa mukuru?
Muhunde: oya rero mu ishuri twize ko papa mukuru yitwa sogokuru, naho mama mukuru akitwa nyogokuru.
Umuhire: ibyo rero njye sinari mbizi, nafashe ibyo mama yatubwiye.
Muhunde: none se uranyemereye tuze gusaba uruhushya?
Umuhire: ariko ubundi aho kwa sogokuru hitwa ngo iki?
Muhunde: narahibagiwe; nako ndibutse, hitwa i Muhondo.
Umuhire: ariko hari ahandi hatitwa gutyo, Nyiranshuti yambwiye ko naho habayo sogokuru na nyogokuru.
Muhunde: none se urunva dufite ba sogokuru babiri na ba nyogokuru babiri?
Umuhire: simbizi rero, ariko niko yambwiye.
Muhunde: ntacyo, turaza kumubaza neza.
Uwo Nyiranshuti bavugaga ni umukozi wabo, ariko akaba anafitanye isano na nyina.
Umuhire: Iby'aribyo byose ariko njye ndunva ntashaka kujya kwa sogokuru, ndahatinya.
Muhunde: unva mbese, uhatinya se uzaba iki? Sinzaba ndi kumwe nawe?
Umuhire: oya yewe wa mukecuru twahasanze atazanyirira. Ndabizi neza abakecuru barya abana, ndetse na Kayitesi yarabinyibwiriye.
Muhunde: koko? Ese none byaba aribyo Umuhi! Aho siyo mpanvu abakecuru bakunda kwitwaza ibibando? Wasanga aribyo bakubitisha abana mbere yo kubarya!
Umuhire: none se nyine wakabimenye!
Muhunde: ariko se uwo mukecuru twahasanze kera ubu aracyahari?
Umuhire: unva ra, ubwo se na none agarutse akahadusanga, ninde wadutabara? Ngaho mbwira!
Muhunde: hoshi ni ukugira ubwoba bw'ubusa. Twe nitujyayo tuzajya twigumira mu ~~nzu~~ rugo, nta handi tuzajya.
Umuhire: cyangwa tukajya mu nzu tugakinga, maze tukareba ko adusangamo.
Muhunde: ubwo se urunva twajya duhora twifungiranye mu nzu, ntitugere hanze? Kandi naho ahadusanze, twakwiruka tukamusiga. Burya wabonye hari imbaraga yifitiye koko?

Umuhire: yewe, nubwo nanjye ntabizi bwose, wa wundi twirutse ntiyanfata.

Ubwo Umuhire na Muhunde bavuga ayomagambo bazi ko bihereye, nyamara Nyiranshuti yari yabunvise. Niko kuza abagana aseka cyane, ndetse basa n'abikanze.

Nyiranshuti: niko Umuhi, harya ngo ninde wakubwiye ko abakecuru barya abana?

Umuhire: si Kayitesi se.

Nyiranshuti: yewe, Kayitesi yaratese koko! Buriya rero azi ko abantu barya abandi?

Umuhire: nyamara nibyo rero. Ndetse ngo babanza kubahisha mu myenda mbere yo kubarya.

Nyiranshuti: sigaho Umuhire kunyisekereza. Erega nawe warabyemeye! Yaba yarakubwiye se nibuze uwo azi bariye?

Umuhire: oya, ibyo byo sinabimubajije.

Nyiranshuti: none se ntiwunva ko wapfuye kwemera ibyo utazi. Kayitesi yarakubeshye rwose. Ahubwo niba mutari mubizi, abakecuru ~~n'aba~~ n'abasaza nibo bantu bakunda abana, cyane cyane abakiri bato nkamwe. Iyo bari kumwe barabaganiriza, bakababwira utuntu dusekeje, ndetse bakanabakinisha.




Muhunde: yego rata Nyiranshu, ibyo uvuze nanjye ~~nanjye~~ nabyemeye. Ndetse njya mbibonera kuri wa mukecuru wo kwa ba Manzi. Burya iyo tugiyeyo usanga yishimye, nawe akaza akatuganiriza, akatubaza amakuru, haba hari imineke cyangwa ubunyobwa akaduha.

Umuhire: ariko nanjye ndamwikundira

Nyiranshuti: n'abandi rero bameze nkawe.

Muhunde: koko se? Buriya wenda na nyogokuru tugiyeyo yadukunda, maze akajya aduha imineke. Nakwishima we!

Nyiranshuti: unva re, ahubwo we buriya atabakunda kurusha abandi. Umukecuru ku buzukuru da!

Muhunde: njye ngiyeyo najya mwisabira amata, niyo najya ninywera gusa.

Umuhire: naho se ubunyobwa n'imineke, cyangwa fanta?

Nyiranshuti: erega ibyo byose muvuga bihari yabibaha mutagombye kubimusaba.
Umuhire: Muhu, noneho ndabyemeye tuzajyana. Ndetse ba mama nibava ku kazi duhite tubasaba uruhushya.
Nyiranshuti: nizeye ko bahita barubaha. N'ubundi nigeze kunva mama avuga ko nimuruhuka bazabajyana i Muhondo bakabasigayo, mukazunvirayo Noheri. Naho ubutaha mukazajya n'i Nyabisiga.
Muhunde: i Nyabisiga se kandi nihe?
Nyiranshuti: naho ni kwa ba sogokuru.
Umuhire: ko tutahazise?
Nyiranshuti: ahubwo mugomba kuba mwarahibagiwe, ndunva nanjye muherukayo mukiri bato cyane.
Muhunde: None se ubwo dufite kwa sogokuru habiri?
Nyiranshuti: ahubwo mufite ba sogokuru babiri na ba nyogokuru babiri, nibyo bivugitse neza kurusha.



Muhunde: njye nari nzi ko umuntu agira sogokuru umwe na nyogokuru umwe.
Umuhire: nanjye niko nari mbizi da!
Nyiranshuti: noneho rero kuva ubu mumenye ko buri muntu agira ba sekuru babiri na ba nyirakuru babiri.
Umuhire: kubera iki se?
Nyiranshuti: ndabibasobanurira: ubundi buri muntu wese abyarwa n'ababyeyi babiri, aribo se na nyina, nk'uko namwe mufite so umwe na nyoko umwe. Noneho rero, so nawe yabyawe n'ababyeyi babiri. Afite se akagira na nyina.
Se wa so, niwe twita sogokuru ubyara data.
Nyina wa so, niwe twita nyogokuru ubyara data.
Ku rugande rwa nyoko naho ni uko: nawe afite ababyeyi babiri, se na nyina.

Se wa nyoko, niwe twita sogokuru ubyara mama.

Nyina wa nyoko, niwe twita nyogokuru ubyara mama.

Abo babyeyi bose babyara data na mama rero nibo twe twita ba sogokuru na ba nyogokuru.

Bityo namwe mukaba mufite ba sogokuru babiri: sogokuru ubyara so na sogokuru ubyara nyoko, mukagira na ba nyogokuru babiri; nyogokuru ubyara so na nyogokuru ubyara nyoko.

Ubwo rero kubera ko so yavukiye i Muhondo naho nyoko akavukira i Nyabisiga, ni ukuvuga ko i Muhondo ari kwa sogokuru na nyogokuru babyara so, naho i Nyabisiga hakaba kwa sogokuru na nyogokuru babyara nyoko.

Muhunde: urakoze Nyiranshu, noneho turabimenye.

Nyiranshuti: kumenya ngo ni ba sogokuru na ba nyogokuru gusa ariko ntibihagije; mugomba no kumenya amazina yabo. Muzayabaze iwanyu bazayababwira.

Muhunde: nibyo koko, tutazamera nka cya gihe Umuhi! Ntiwibuka wa mugabo?

Nyiranshuti: byagenze bite se n'uwo mugabo Umuhi?

Umuhire: sinkibuka, Muhunde nakubwire.

Muhunde: ubwo se urangira iki kubivuga? Rata ni kera sinzi aho twari tuvuye, tugeze hafi y'urugo duhura n'umugabo maze atubaza adukangara, ngo muri abande mwa bana mwe? Niko Umuhire n'ubwoba bwinshi aba yatanguranwe ngo: turi aba patoro na madamu.

Nyiranshuti: ye? Koko se niko wavuze Umuhi?

Umuhire: noneho narabimenye rero, ni uko nari nkiri umwana. Kandi iyo ntabivuga uwo mugabo aba yaradukubise.

Nyiranshuti: hanyuma se yababwiye ngo iki?

Muhunde: yaradusetse abonye twagize ubwoba, ati nimuhumure ntacyo mbatwara. Ni uko atwereka ~~igike~~ inkoni yari yitwaje, ati ngaho ndababariye nimugende, ariko ubutaha nitwongera guhura ngasanga mutaramenya amazina y'ababyeyi banyu nzabakubita.

Nyiranshuti: ubu se noneho warayamenye Umuhi?

Umuhire: narayamenye koko: papa yitwa Muhashyi Selesitini, naho mama akitwa Mukangenzi Suzana.

Nyiranshuti: naho rero na ba sogokuru mugomba kumenya amazina yabo, ejo hatazagira ubabaza uko bitwa mukamusubiza ngo ni ba papa bakuru na ba mama bakuru.

Ubwo byageze nimugoroba umugambi wo gusaba uruhushya Umuhire na Muhunde bawujuje. Nyina yabaye akigera mu rugo avuye ku kazi, nta kindi bamusanganije kitari ukumubwira ko bifuza kuzajya kwa sekuru mu biruhuko. Icyo cyifuzo cyabo cyaramutunguye cyane, kubera ko bwari ubwa mbere basaba uruhushya nk'urwo. Ubundi basabaga urwo kujya kwa bagenzi babo bigana, cyangwa ku babyeyi babo ba batisimu. None ngo kwa sekuru! Ahantu bageze rimwe risa! Bahibutse bate!

Ninde wari wabagiriye iyo nama? Iby'aribyo byose ntiyiriwe ababaza byinshi, gusa yahise abemerera ko se nataha baza kubivugana, bakareba igikwiye. Mbega ukuntu Umuhire na Muhunde bagize ishyushyu ry'igisubizo bari buze guhabwa! 11

Umuhire: niko Muhu, urabona papa ari buze kwemera ko tuzagenda koko?

Muhunde: kubera iki se? Kandi mama we yarabyemeye?

Umuhire: akavuga gusa ngo sinshaka ko muzajya kuzerera. Ntiwibuka cya gihe aduhana twagiye kwa ba Mafene?


Muhunde: burya se impanvu yaduhannye ko ari uko twari twagiye tudasabye uruhushya bakatubura. Njye ndunva kujya gusura ababyeyi atari bibi, ndetse no mu ishuri batubwiyeko ari umuco mwiza. Kandi rero twasabye n'uruhushya.

Umuhire: nibyo koko. Hoshi buriya aremera.

Koko rero byageze nimugoroba, igihe bose bari bateraniye ku meza bamaze gufungura, Muhashyi abwira Umuhire na Muhunde ko icyifuzo cyabo yacyakiriye neza. Ababwira ko abemereye kuzagenda, ndetse bahita bemeza n'umunsi bazagenderaho. Mbega ibyishimo! Ubwo bahisemo kubanza i Muhondo, ubutaha bakazajya n'i Nyabisiga.

Umunsi w'amanota nawo warashyize uragera, Umuhire aba uwa gatatu, naho Muhunde aba uwa mbere.

Muhunde bamuhembye inkweto nziza, avuga ko ari zo azagenda yambaye bagiye i Muhondo. Umuhire nawe bamuhembye ikanzu, ngo akazayambara kuri Noheri.



Ubwo hari ku wa mbere nimugoroba, buri bucye bagenda. Bari biriwe bitegura urugendo, Nyiranshuti abafasha gushyira mu gikapu ibikoresho byose bazakenera. Nuko babirangije mbere yo kuryama, bicara mu cyumba cyabo, bataganira.

Nyiranshuti: Umuhi, ubu rero muraramuka mwigendera! Mbega ukuntu tuzagira irungu! Ubu se nzajya nseka nande koko?

Umuhire: Kigingi se ntahari? Cyangwa uzaze tujyane.

Nyiranshuti: ngo tujyane! Reka da, nta ruhushya natse.

Umuhire: waretse se nkaza kurugusabira mama, ko atakwangira?

Nyiranshuti: oya ubyihorere, tuzaba tujyana ubutaha.

Umuhire: mbe Nyiranshu, burya kwa sogokuru bagira umuboyi ra ?

Nyiranshuti: ariko Umuhire ntabaza ntabaza!!! Nk'ibyo koko urashakira iki kubimenya?

Muhunde: maze akarenga akavuga n'ibyo mama yatubujije. Ntiyatubwiye ko babita abakozi bo mu rugo?

Umuhire: nuko nari nibagiwe rero, nashakaga kukubaza niba kwa sogokuru bafite umukozi.

Nyiranshuti: yewe, ubu sinabimenya, ariko igihe mbiherukira ntawari uhari.

Umuhire: none se niba adahari tuzabigenza dute? Ndetse sinzirwa njyayo.

Nyiranshuti: ni ~~ibk~~ ibiki se kandi biguteye ubwoba Umuhi? Ubwo wenda na none ugiye kuvuga ko umukecuru azakurya!

Umuhire: oya da, ahubwo ni uko ntazashobora kwifurira imyenda.

Muhunde: ariko Umuhi, hoshi nawe ugiye kuzitetesha. Gufura nibyo utazashobora koko? Uzabyihorere nzajya ngufurira nguterere n'ipasi ndetse, ntibizananira njya mbona uko Kigingi abigenza.

Umuhire: none se ninde uzajya adusasira igitanda?

Muhunde: unva mbese, urabona gusasa byatunanira koko? Ndetse ni nawe uzajya ubikora, ubundi abakobwa sibo basasa!

Umuhire: ntacyo, nibinanira nzahita nigarukira.

Muhunde: ngo uzigarukira! Nzaba ndeba. Uzazana nande se ko mama azatugezayo agahita agaruka?

Nyiranshuti: mwihorere yewe buriya yashatse kutwihera urwenya nk'urwo Kampire aherutse kumpa tugiye mu misa.

Muhunde: kandi koko akunda kugira udukuru dusekeje. Yakubwiye ngo iki se?

Nyiranshuti: yaransekeje gusa nta kandi!

Umuhire: ngaho se tubwire di Nyiranshu, natwe duseke.

Nyiranshuti: Ngo ni kera bigaga mu mwaka wa gatanu. Nuko ngo umwarimukazi waba arababwira ati;: dore ibizami biregereje, nizeye ko mwihase mukazagira amanota aruta ayo mwabonye mu gihembwe cya mbere. Abatarabikoze rero, igihe kirageze cyo kwikubita agashyi. Umuhungu biganaga bari barahimbye Giteneri aba yabyunvise vuba, ngo ahuruza urushyi no mu gutwi kwe ngo pa. Igihe bakimuseka, ngo ahuruduka mu ishuri, jugujugu n'imuhira. Ageze yo ahita abatura imbugita bahatisha ibijumba; yicara imbere y'inzu atangira kwivugisha agira ati: mwarimu yatubwiye ko kugirango tuzagire amanota meza, tugomba kuba twarihase, utarabikoze akikubita n'agashyi. None rero kubera ko agashyi ko narangije kukibita, ndunva igisigaye ari ukwihata. Ariko se [redacted], ndaherahe mpata?! Nimpata ku kirenge, sinzabona ubugenda, nimpata ku maboko, sinzabona ubwandika, kandi nimpata no ku kibuno, sinzabona ubwicara.Reka ahubwo ngerageze uyu mutwe ndebe. Nuko igihe atangiye kwogosha imisatsi, mukuru we arahagoboka, aramutesha.
Ngibyo ibya Giteneri.

Muhunde: birasekeje koko, nyamara buriya wabona babihindura urwenya kandi byarabayeho.

Umuhire: hoshi genda rero, biriya se ninde muntu muzima wabikora?

Muhunde: umeze nka Giteneri nawe yabikora.
Cyangwa wowe uvuga ngo ntiwashobora gusasa uburiri, ubwo ukomeje gutyo ntiwazahinduka Nyiragiteneri?

Nyiranshuti: mwihorere ajye akomeza yigire umupfu, kandi ageze igihe cyo kumenya ubwenge.
Ubundi icyo umuntu atazi arabaza, bakamusobanurira, akikimenya. Ibyo bibazo byose mufite rero mubyikuremo. Kwa sogokuru ndabizi hariyo abandi bana, ibyo mutazashobora gukora bazabibafasha.

Koko rero ntibyari byoroshye kunvisha abo bana ko ibyinshi bagomba kuzabyikorera. Iwabo bari baramenyeye gutega byose ku bakozi, nta karimo na gato bari baratojwe gukora. Ubu rero ibintu byari bihindutse, kwari ukuzirwanaho. Ntacyo bitwaye ariko, Nyiranshuti yari amaze kubarema agatima abizeza ko bazabona abafasha. Icyo kiganiro cyararangiye bahita baryama, ndetse ntibatinda no gusinzira.

Bwacyeye ari ku wakabiri, akazuba kari kamaze kurasa kagaragazaga ko hari bube umucyo uwo munsi wose. Ku gasusuruko niho Umuhire na Muhunde, bari kumwe na nyina Mukangenzi Suzana, bahagurutse iwabo ku Kacyiru, bagiye gutega imodoka.




Mu mihanda abantu bari urujya n'uruza, imodoka, amapikipikindetse n'amagare nabyo ari uko. Saa tatu niho bari bageze muri cya kigo abagenzi bategeramo imodoka, aricyo bita "gare". Ubwo nayo bahise bayibona. Nuko mu gihe bari bacyicaye bategereje ko yuzura ngo ibone guhaguruka, Umuhire na Muhunde bakomeza kwimaza amatsiko.

Nyina we ariko ntiyahwemaga gusubiza ibibazo byinshi bamubazaga.

Muhunde: aba bantu bose barabona imodoka zibatwara mama?

Mukangenzi: buriya barazibona, ntureba se ko nazo ari nyinshi!

Umuhire: mbese ubundi buriya barajya he?

Mukangenzi: urunva nahabwirwa niki Umuhi! Buriya bamwe bagiye gusura abavandimwe, abandi nabo bavuyeyo baratashye.

Muhunde: uzi ko taxi ari nziza! Zidahari aba bantu bose ntibabona uko basura abandi.

Mukangenzi: nibyo ni nziza, ariko kandi zije vuba, kuburyo na mbere zitaraza bitabuzaga abantu kugenda.

Umuhire: none se ubwo bagendaga mu ki?

Mukangenzi: bagendaga n'amaguru.

Umuhire: none se ubwo bageragayo ryari?

Mukangenzi: baragendaga bwakwira batageze iyo bajya bagacumbika, bwacya bagakomeza urugendo.

Umuhire: bacumbikaga he se?

Mukangenzi: bacumbikaga mu baturage, kuko nta mazu acumbikira abagenzi yariho.

Muhunde: ariko abo baturage nabo bari abantu beza!Kwemera gucumbikira uwo utazi.

Mukangenzi: si kera gusa n'ubu uwo muco mwiza urakariho, mu kinyarwanda ntawanga kwakira ubwe amugana, cyangwa ngo yange gucumbikira umugenzi.

Umuhire: ubwo se baryaga iki noneho?

Mukangenzi: babaga bazi ko bagiye kujya ku rugendo bagashaka impamba, yabaga igizwe n'ibiryo n'icyo kunywa. Nta handi bashoboraga kubikura, kuko ibyo guteka mu ma resitora bije vuba.


Muhunde: ubwo se amafaranga yabo bayamazaga iki?

Mukangenzi: bayakuyehe se ko abari bayafite icyo gihe bari mbarwa. Rubanda nyamwinshi ntayo bagiraga, ariko ntibyababuzaga kubaho neza. Barakoraga bakagira ibintu, imyaka n'amatungo. Nawabaruraga kubera ko yabuze amafaranga yo guhaha. Uwabaga ari umukene adafite icyo arya, yajyaga gukorera ubifite akamuha. Akenshi batangaga imyaka, nk'ibishyimbo n'amashaza, ibijumba n'ibindi... Nibyo bitaga guca inshuro, n'ubu kandi hari aho bikiba. Naho ku byerekeye amatungo,uwabaga adafite itungo kandi aryifuza, yajyaga gukorera uwabaga atunze, akamara igihe kirekire amukorera, icyo gihe cyazarangira akarimuha.



Ntibyari byoroshye ariko, kuko hari abamaraga imyaka n'imyaka batararibona.
Akenshi bahakirwaga inka. Ubu uwo buhake bw'inka ntibukibaho.

Muhunde: naho se iyo babaga barwaye, imiti bayiguraga iki ko wunva nta mafaranga bagiraga?




Mukangenzi: kurwara nibyo bararwaraga, ndetse icyo gihe indwara zari nyinshi. Iyo babaga barwaye bidakomeye barivuraga. Indwara bivuraga ni nk'inzoka, amahumane, inkorora, ibicurane, umutwe n'izindi...
Imiti bivuzaga bayihamuraga mu kinani. Muri yo twavuga nk'imiravumba, ibicunshu, imibirizi, imibagababaga, amababi y'intusi, n'indi myinshi.

Muhunde: naho se iyo babaga barwaye indwara zikomeye?

Mukangenzi: iyo babaga barwaye indwara zikomeye nka za macinya, za mugiga, igicuri, uburozi n'izindi, baganaga abahanga mu kuvura akaba aribo babavura. Nabo bakoreshaga imiti igizwe n'invange y'ibyatsi byinshi, cyangwa bagakoresha imyotso n'ubundi buhanga.
Abo bavuzi ba kinyarwanda, ari nabo bita abavuzi gakondo cyangwa abavuzi ba gihanga n'ubu bariho, kandi bakiza indwara nyinshi imiti ya kizungu idashobora. Zimwe muri zo ni nk'igicuri, umwijima, uburozi, amahumane n'izindi nyinshi.

Amatungo nayo kandi ntibayatereranaga, habagaho abavuzi bayo bazwiho ubwo buhanga.

Umuhire: ubwo se imyenda bambaraga yo bayiguraga iki?

Muhunde: kandi wunva ntayo bagiraga. Wa mukecuru wo kwa Manzi niko yatubwiye.

Umuhire: oya rero sinabyemera. None se bagendaga bambaye ubusa? Cyangwa mukecuru yarababeshyaga nk'uko Kayitesi yari yambeshye.

Mukangenzi: Kayitesi uwo se yari yakubeshye ngo iki Umuhi?

Umuhire: yari yambwiye ngo sinkegere abakecuru b arya abana.

Mukangenzi: koko se! Ubwo se nawe wari wabyemeye?

Umuhire: nari nabyemeye, hanyuma tubajije Nyiranshuti atubwira ko atari byo.

Mukangenzi: birunvikana rwose ko icyo cyari ikinyoma kidafite n'ishingiro. Naho ibyo mukecuru yabwiye ba Muhunde byo nibyo, kera nta myenda yariho. Abana nkamwe ndetse n'ababaruta babaga babereye aho, bakazatangira kwambara bamaze kuba abasore cyangwa inkumi.

Umuhire: none se ubwo bambaraga iki si imyenda?

Mukangenzi: oya, bambaraga impu n'impuzu. Izo mpu akenshi zabaga ari iz'ihene, zikambarwa na rubanda rugufi. Naho ababaga ari abatunzi bakize, bambaraga impu z'inka, b itaga inkanda. Abakene rero bo bakiyambarira impuzu, zikaba zaravaga mu giti cyitwa umuvumu.

Muhunde: yewe, aba kera bari baragowe. Bagiraga kubura icyo bambara, bakagira kubura imiti, maze bakagerekaho no kugenda n'amaguru!

Mukangenzi: ibyo kutagira icyo bambara no kubura imiti ihagije byo koko byari bibangamiye imibereho yabo. Tuvuge nk'abana bato bakundaga guhitanwa n'umusonga, n'izindi ndwara nyinshi zituruka ku mbeho.

Ubu twakwishimira ko amajyambere yaje, ibibazo byinshi bikaba byarabonewe umuti. Dore nk'ubu nta munyarwanda ucyambara uruhu, kandi n'amavuriro yarakwirakwijwe hirya no hino mu gihugu, kuburyo indwara nyinshi zorekaga imbaga zagabanutse. Ntawe utakwishimira ko ubushita bwagiye nk'ifuni iheze, ko iseru na zene wayo zari zarigize ruhekura ababyeyi ubu zabonewe inkingo, ko za macinya nyambi na za mugiga, n'ubwo zasize umugani, ubu zigigaye zivurwa zigakira, n'izindi n'izindi.

Naho kugenda n'amaguru byo ntacyo byari bitwaye,ndetse n'ubu abenshi baracyayagendesha. Yego imodoka zaraje, ariko ntizirakwira hose ku buryo buri wese yagera aho yifuza mu modoka.

Muhunde: none se ko umuntu yagenda n'amaguru ajya hafi, kure yagerayo ate?

Mukangenzi: erega aho wita kure naho bajyagayo, kandi n'ubu udafite amafaranga yo kuriha imodoka agenda n'amaguru. Nko mu gihe cyashize, abanyarwanda benshi bavaga ino bakajya gupagasa mu Buganda, bari ku maguru. Bashakaga ibizabatunga, ahasigaye bagafata inzira. Bashoboraga no kumara icyumweru mu nzira bataragera iyo bajya, kandi ntibabyinubiraga. Yego byari amaburakindi, ariko barabikoraga. Si n'ibyo gusa, umuntu yabaga yatekereje gusura inshuti cyangwa umubandimwe wa kure, agahaguruka akagenda. Ni nayo nkomoko y'uyu mugani abanyarwanda baciye, ngo aho uwawe ari ntihaba kure. Ibyo b ikaba bitwunvisha ko ku munyarwanda, inshuti n'umuvandimwe ari abantu bakomeye, ahoza ku mutima.

Umuhire: uwo muvandimwe se ni nde, ko ntamuzi?

Mukangenzi: ubwo koko ntuzi umuvandimwe uwo ariwe Umuhi?
Muhunde: njye ndamuzi reka mumubwire: umubandimwe ni umwana muvuka hamwe. Nk'ubu Umuhire nanjye turi abavandimwe.
Mukangenzi: wunvise Umuhi? Umuvandimwe n'umuntu wese muvuka hamwe. Muba muba mu nda imwe, ni nayo mpanvu mwitwa abavandimwe. Abavandimwe rero ni abantu bavuka ku babyeyi bamwe, cyangwa mu muryango umwe.
Umuhire: ubwo se wowe na papa muri abavandimwe?
Mukangenzi: oya ntabwo turi abavandimwe kubera ko tutavuka ku b-abyeyi bamwe. So afite ababyeyi be, akagira n'abavandimwe be, nanjye nkagira ababyeyi banjye n'abavandimwe.
Muhunde: none se ubu uwambaza ngo mpfana iki n'Umuhire, namusubiza ngo iki?
Mukangenzi: wamubwira ko Umuhire ari mushiki wawe, naho wowe ukaba musaza we.

Muzunva mu kinyarwanda bavuga ngo kanaka na kanaka bafitanye isano cyangwa ngo bafite icyo bapfana. Ni ukuvuga ko abo bantu baba bafite icyo bahuriyeho biturutse ku babyeyi babo cyangwa ku miryango bavukamo. Icyo kintu gihuza abavandimwe rero nicyo twita Isano.

Ubwo wowe kubera ko uri umuvandimwe w'Umuhire ukaba n'umuhungu, uri musaza we.

Naho Umuhire we kubera ko ari umuvandimwe wawe akaba n'umukobwa, ni mushiki wawe.


Muhunde: naho se ibindi bavuga ngo ni mukuru wawe cyangwa murumuna wawe?
Mukangenzi: ibya b-akuru na barumuna, babivuga ku bana basangiye ababyeyi, bakurikije uko barutanwa.

Iyo muvindimwe, abakuruta bose bitwa bakuru bawe, naho abato kuri wowe bakitwa barumuna bawe.

Hari icyitonderwa ariko:
- ku mwana w'umuhungu: iyo hari abandi bahungu bavindimwe nawe, abakuru kuri we nibo bitwa bakuru be, naho abato kuri we b-akitwa barumuna be. Naho reo abakobwa bose bavindimwe nawe, baba bakuru cyangwa bato kuri we, bose bitwa bashiki be.
- ku mwana w'umukobwa noneho: iyo hari abandi bakobwa bavindimwe nawe, abakuru kuri we nibo bitwa bakuru be, naho abato kuri we bakitwa barumuna be. Naho reo abahungu bose bavindimwe nawe, baba bakuru cyangwa bato kuri we, bose bitwa basaza be.

Igihe Mukangenzi yasobanuriraga Umuhire na Muhunde iby'amasano y'abavandimwe, ya taxi barimo yari imaze guhaguruka imaze gukata kuri rond point itangiye kumanuka mu Muhima. Abagenzi nabo bari bamaze gushyikirana, batangiye kuganira. Nuko umusaza Bigirimana wari wicaye iruhande rwa Mukangenzi amubwira atangara ati: dore wa mubyeyi we, burya ubwo wunva amajyambere ntagira uko ~~asakee~~ asa koko. Arakomeza ati: nahoze nunva utekerereza aba bana ukuntu aba kera twagendaga n'amaguru, binyibutsa mu myaka yashize tunyura muri uyu Muhima ari ishyamba gusa, bahita mu rw'impyisi.

None dore amayira yabaye nyabagendwa, n'ahari utuzu tw'ibyatsi ntiwamenya ko twahigeze. Ubwo yabivugaga arangamiye inzu ndende y'igorofa iri aho hafi y'umuhanda, n'abandi bagenzi bari bakomeje kwitegereza, bayitangarira.



Ibiteye amatsiko kandi ni byinshi kuri uwo muhanda ugizwe n'amakoni menshi, kugera ku "Ibuye rihetse irindi".

Muhunde: aha tugeze nihe mama?

Mukangenzi: bahita ku " Giti cy'inyoni.

Bigirimana: erega ngirango ni na kiriya bahitiriye

Umuhire na Muhunde bakebukira rimwe kireba icyo giti cy'inganzamarumbo, kiri mu isangano ry'imihanda, uva i Butare n'uturuka mu Ruhengeri, ikagana i Kigali mu murwa mukuru w'u Rwanda.

Ubwo imodoka barimo yari igeze ku kiraro kiri hafi aho, Umuhire yongera kubaza nyina: uyu mugezi se wo witwa ngo iki?

Mukengenzi: erega uyu munsi uraba uw'ibibazo gusa Umuhi!

Bigirimana: none se kubaza ntibitera kumenya? Dore uyu mugezi witwa Nyabugogo mwana wa...

Muhunde: yoo..., mbese iyi niyo Nyabugogo! Twarayize mu ishuri, usibye ko nari ntarayibona.

Mukangenzi: ngaho noneho yitegereze, maze utubwire n'ibyo mwayizeho.

Muhunde: batubwiye ko ari umugezi munini unyura hafi ya Kigali, ukisuka mu ruzi rwa Nyabarongo.

Mukangenzi: ikindi nanjye nakwongeraho, nuko aha tugeze, uyu mugezi ugabanya amakomini abiri. Ubu tuvuye muri komini Butamwa yo mu Bwanacyambwe, tugeze muri komini Shyorongi yo mu Bumbogo.

Muhunde: kandi koko amakomini agize u Bumbogo nayo twarayize.

Mukangenzi: ngaho yavuge twunve ko ukiyibuka.

Muhunde: twize ko amakomini agize u Bumbogo ari ane: hari komini Shyorongi, komini Tare, komini Musasa na komini Rushashi.

Mukangenzi: nibyo rwose. Harya ngo iyi komini turimo yitwa iyihe Umuhi? Dore igihe wambarije reka nanjye nkubaze.
Umuhire: watubwiye ko yitwa Shyorongi.
Mukangenzi; naho se uriya mugezi?
Umuhire: witwa Nyabugogo.
Mukangenzi: yewe, ndunva wakurikiye da. Dore rero uyu musozi dutangiye kuzamuka nawo witwa Nyamweru.
Umuhire na Muhunde kandi bashoboye kwibonera n'indi misozi miremire iteganye n'uwo wa Nyamweru ariyo;
Mont Kigali na Mont Jali.

Muri uwo muhanda wa kaburimbo ugizwe n'amakoni menshi, amatsiko y'abagenzi yasaga n'agabanutse, kubera ko nta kindi bashoboraga kubona uretse ibiti by'amoko menshi biwukikije. Muri byo twavuga nk'intusi, arinazo zihiganje, za greveria, za pinusi, za sipure n'ibindi.

Kubera ubunini n'ubwiza bw'iryo shyamba, barigeze hagati Umuhire abaza nyina impanvu bariteye n'akamaro karyo.
Dore muri make uko yabimusobanuriye:

Mukangenzi: ubundi imisozi nk'uyu uhanamye cyane, ntikunda kugira ubutaka bwera imyaka isanzwe nk'ibishyimbo, amasaka, ibijumba n'ibindi. Uretse n'ibyo kandi, no kuyihinga aho, kuyirwanyaho isuri cyangwa kuyifumbira ntibyoroshye. Ni yo mpanvu aho kugirango ibere aho yambaye ubusa, bahitamo kuyiteraho ibiti nka biriya tureba, kubera ko bidakenera ubutaka burumbutse nk'iriya myaka yindi. Naho ku byerekeye akamaro k'iri shyamba kimwe n'andi menshi ari mu gihugu cyacu, ni kanini cyane. Amashyamba atuma igihugu cyacu kitaba ubutayu, akatuzanira umwuka mwiza n'invura. Si ibyo gusa kandi, atuma n'ubutaka bukomera ntibutwarwe n'isuri igihe invura yabaye nyinshi. Akandi kamaro k'ingenzi k'amashyamba, nuko aduha ibiti byo gucana, ibindi tukabyubakisha, hakaba ~~n'ibindi~~ n'ibibazwamo bya bikoresho by'amoko menshi dukenera, nk'intebe, ameza, ibitanda, utubati, inzugi n'ibindi.

Ndetse hari n'ubwoko bw'ibiti bakoramo impapuro. Murabizi ko n'ino mu Rwanda dufite uruganda ruzikora, rukaba ruri i Zaza ho muri Kibungo.

Muhunde: hari n'akandi kamaro k'ishyamaba: nuko umuntu yarariteye ashobora kurigurisha rikamuha amafaranga.
Umuhire: ndetse n'inyoni zibona aho ziba, kimwe n'utundi tunyamanswa.
Mukangenzi: ntimwunva se ko amashyamba ari ingirakamaro cyane! Ndetse kubera ibyiza dukesha igiti, muzi ko ino iwacu bagihaye umunsi cyihariye, twizihiza buri mwaka. Uwo munsi buri munyarwanda akaba agomba gutera nibuze ibiti bibiri, igicanwa n'icyera imbuto ziribwa.
Muhunde: kandi koko muri radiyo bararirimba ngo nutema kimwe ujye utera bibiri.
Umuhire: nanjye uyu mwaka nzabitera ye!

Muhunde: ahubwo tuzibutse papa azajye kubishaka hakiri kare atazasanga byashize.

Umuhire: njye nzamutuma umunyinya wo gutera mu busitani bwacu, tujye tuwugamamo izuba, nka wa wundi wo kwa Gahutu!

Muhunde: njye nzamusaba gutera za greveriya, kubera ko umwaka ushize twateye amapera n'amapapayi menshi. Mu ishuri kandi batubwiye ko greveriya ari igiti cyiza, kubera ko kibazwamo imbaho kandi nticyonone ubutaka.

Mukangenzi: muramenye ariko ntimuzibagirwe na za marakuja zo gutera kuri cya kimpoteri.

Bigirimana: erega data n'iyo iwacu mu cyaro usanga abenshi tumaze gusobanukirwa n'akamaro k'igiti, cyane cyane ariko biriya byera imbuto ziribwa. Ubu twese twahagurukiye kubitera, ku buryo nta rugo utasangamo nibuze igiti kimwe cya avoka. Kandi ga reka banazitere ni nziza ziraryoha! Bigakubitiraho rero ko no mu bigo Mbonezamirire batwigisha ko zifitiye umubiri wacu akamaro kanini.

Mukangenzi: ni byo koko imbuto zose ni nziza, kuko zikize ku ntungamubiri no ku biwurinda indwara. Akaba ari nayo mpanvu twese tuzikeneye, yaba umwana cyangwa umuntu mukuru. Ureke bya bindi bya kera ngo nta mugabo wo kurya icunga, umuneke cyangwa ipapayi.

Bigirimana: hari kera nyine, ubujiji bucyitwugarije. Ubu agagitsimbaraye kuri ayo mafuti ni ba bandi usanga bagenda bahungetwa, cyangwa abana babo barishwe na bwacyi. Iyo ndwara twe twayise Gateranyamiryango, kuko usanga bene kuyirwaza bikomye buri gihe abaturanyi ngo barabarogeye, ntibamenye ko uburozi bubi ari ubujiji.

Mukangenzi: yewe, injiji zo ziracyariho, gusa amahirwe tugira nuko zisigaye ari nke kandi nazo zikaba zarahagurukiwe. None se umuntu azakenera umuhini w'isuka cyangwa agakwi ko gucana yihutire gutema ibiti, ariko nibamubwiriza no kubisimbura aterere agati mu ryinyo! Kimwe na bariya ba "Rutwitsi" bigabiza amashyamba bagatwika, cyangwa bariya bayonona atarakira, abo bose bamenye ko ibyabo byahagurukiwe.

Bigirimana na Mukangenzi barangije icyo kiganiro ya taxi nayo ivuye mu ishyamba, igeze mu mpinga ya Nyamweru ahitwa mu Ruhengeri rwa Kanyinya. Kuri uwo murambi utagira uko usa, abagenzi bose bari bamerewe neza, baganira bishimye, ndetse banyuzagamo bagaseka cyane. Umuhire na Muhunde bo nta kindi baganiraga, uretse kubazanya no gutangarira ibyo babonaga hirya no hino. Ijuru naryo ryari rimeze neza, umuntu ashobora guterera amaso akabona n'ibiri kure. Sinzi uko Muhunde yarabutswe ibyuma birebire bihagaze ku musozi hakurya, maze yereka nyina.

Muhunde: reba mama! Biriya byuma biri hariya bimara iki?

Mukangenzi: biriya ni bya bindi bituma amajwi ya Radiyo Rwanda arushaho kunvikana neza. Byo ntimurabyiga se?

Muhunde: twarabyize ariko aho biri sinkihibuka neza. Uretse ahitwa kuri mont Jari no kuri Huye.

Mukangenzi: dore rero hariya niho kuri mont Jari, biriya byo urabyiboneye.

Muhunde: yoo! Mbese ni hariya?

Umuhire: nanjye ndahabonye nituhiga nzahita mpamenya.

Mukangenzi: si hariya gusa ariko, hari n'ahandi biri hirya no hino mu gihugu. Duhereye kuri biriya byo kuri mont Jari ya Kigali, ahandi biri ni kuri Huye h'i Butare, i Karongi ho ku Kibuye, i Mugogo ~~h'i Cyangugu~~ ho mu Ruhengeri, i Kinanira h'i Cyangugu, n'i Byumba.
Ibyuma nk'ibyo kandi biri no ku kirunga cya Karisimbi, ndetse byo bikaba bifite n'umwihariko wo kuzakoresha tereviziyo, umunsi yageze mu gihugu cyacu.




Muhunde: ariko mama, uzi ko hari ibintu byinshi tutari tuzi; cyangwa twari tutarabona kandi bituri hafi!
Rwose ningera mu rugo nzahita nshimira papa waduhaye uruhushya rwo kujya i Muhondo.

Umuhire: kandi koko iyo tutajyayo ntitwari kuzabona ibi byose.

Muhunde: nta kundi nyine, twari kuzatahira ya Hoteri iri haruguru y'iwacu, na bya bizu bigerekeranye bahubaka.

Umuhire: eee! Na ya kiriziya twunviramo misa ku cyumweru. Nari nibagiwe na Sitade Amahoro!

Mukangenzi: yewe, noneho umenya mwabonye umwanya wo kwinigura. Erega n'ubundi nuko mwari mukiri bato mutaramenya kwitegereza, naho ubundi kugenda si bibi. Igihe cyose umwanya uzajya uboneka muzajya mushobora no kugera ahandi, murebe naho uko byifashe, kugirango mutazatahira ibyo biri haruguru y'iwanyu nk'uko mubivuga.

Bigirimana: oya nibyo ibyo aba bana bavuga nanjye ndabishyigikiye. Yego singize ngo nibabe ba Mukerarugendo, ariko ababyeyi nibiyunvishe ko urwo Rwanda rw'ejo rukeneye guhumuka no kumenya, ndetse no kwimara amatsiko. Mu biruhuko nk'ibi babone akanya ko gusura abavandimwe, na bagenzi babo. Bityo buhoro buhoro bazagenda barushaho kumenya igihugu cyabo n'abagituye, maze mu minsi iri imbere bazagikorere bazi icyo bakora.

None se ubu uracyashidikanya ko ibisobanura byose wahaye aba bana, n'ibyo biboneye batari bazi, bitabunguye byinshi mu bumenyi bwabo!

Koko rero ibyiza Umuhira na Muhunde baboniye muri urwo rugendo ntibigira ingano. Babonye imisozi n'imirambi yayo, babona impinga n'ibibaya, babonye inzuzi babona imigezi, bityo barushaho gucengerwa n'ubwiza kamere igihugu cyacu cyifitiye. Babonye kandi ibishyimbo n'imyumbati, mu mirima ikikijwe n'imirwanyasuri, babona urutoki babona n'ikawa, nuko babonye imyembe, za avoka na marakuja, bibabera urugero ko dukomeje gushishikara tugakora, u Rwanda rutatinda kwihaza mu biribwa. Ubwo bageze i Shyorongi bobonye ivuriro ryiza n'ikigo Nderabuzima bihari, barushaho kwunva ko imibereho y'abaturage igenda irushaho kwitabwaho mu gihugu cyacu. Bigiye imbere babonye inzu nziza komini Shyorongi ikoreramo, nayo ibabera ikimenyetso cy'uko ubutegetsi bwegereye abaturage. Bavuye aho kuri komini bagana ahitwa mu Kiziba cya Bugaragara, bahura n'umukumbi w'ihene zari zijyanywe i Kigali kugurishwa. Aho naho Umuhire na Muhunde biboneye ubwabo ko ya ntero y'abanyarwanda ngo "ubuhinzi ni umukenyero naho ubworozi bukaba umwitero" atari ibigambo gusa. Nuko bibutse za nkoko z'iwabo zidasiba kubaha amagi, na ya mata y'inka bavuye mu rugo banyoye, bavugira rimwe bati: harakabaho ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda.

Yewe, ibyiza abo bana babonye ntawabivuga ngo abirangize! Bageze mu Kiziba cya Bugaragara, bashobora kwitegereza neza uruzi rwa Nyabarongo n'amakoni menshi arugize.




Bashoboye kandi kwibonera ubwiza bw'icyo kibaya cyuzuye uburumbuke, burumbura imyaka y'abahinzi-borozi bagituriye. Ni koko muri icyo kibaya hera ibihingwa by'amako menshi, cyane cyane ariko bya bindi ngandurarugo.

Ibisheke bihahingwa nabyo bifitiye abaturage akamaro, kuko bibaha akazi n'amafaranga. Ndetse bifitiye akamaro abanyarwanda benshi, kuko bivamo isukari tunywa, tutagombye kuyitumiza mu mahanga. Uruganda ruyikora ruri i Kabuye hafi ya Kigali.

Urwo ruzi rwa Nyabarongo rero rwateye Umuhire na Muhunde amatsiko menshi, bituma banarwibazaho byinshi:

Muhunde: ruriya ruzi ko ari runini ruturuka he mama?

Mukangenzi: ruturuka iriya kure mu misozi, muri perefegitura ya Gikongoro. Isoko yarwo yitwa Mwogo.

Muhunde: buriya se ruturuka mu isoko yarwo rungana kuriya?

Mukangenzi: oya ntabwo ari kuriya ruba rungana. Kuturuka yo ari ruto, mu nzira rukagenda ruhura n'imdi migezi myinshi, amazi yarwo akiyohgera.

Muhunde: nibyo koko, nk'uko nirugera epfiriya ruza guhura na wa mugezi wa Nyabugogo twabonye.

Umuhire: buriya se abantu barwambuka bate?

Mukangenzi: barwambuka mu bwato.

Muhunde: kuki se batoga ngo biyambutse?

Mukangenzi: ni rurerure kandi baba batinya n'inyamanswa zibama.

Umuhire: habamo izihe nyamanswa?

Mukangenzi: hakunze kubamo ingubu n'ingona.

Umuhire: hariya hakurya se ni he?

Mukangenzi: ni mu Nduga, muri perefegitura ya Gitarama.

Muhunde: ruriya ruzi se ruri mu yihe perefegitura?

Mukangenzi: ruriya ruzi ahubwo rugabanya perefegitura ebyiri: hariya tureba rugabanya iya Gitarama n'iyi ya Kigali turimo.

Ubwo bavuye aho mu Kiziba bageze ahitwa mu Rwintare, Bigirimana abatekerereza ukuntu aho hantu hari hararahiriwe, kubera ishyamba ry'inzitane ryahahoze, n'ibikoko by'inkazi byaribagamo.




Ngo habaga intare, impyisi, ingunzu, ibirura, za nyiramuha n'izindi. Nta mugenzi umwe cyangwa babiri bashoboraga kuhinyuza, kabone n'iyo habaga ari ku manywa. Uretse kandi n'abo bagenzi byaririaga mu nzira, no mu ngo byateraga yo, bikica abantu n'amatungo. Nyamara uko imyaka yagiye ishira, ni nako abaturage bagiye biyongera, batangira gutema iryo shyamba bashaka aho batura. Ibisimba byinshi barabyishe, ibicitse kw'icumu birahunga, none dore amayira yabaye nyabagendwa.

Mukangenzi: ariko ngo gutema ayo mashyamba y'inzitane ntibyari byoroshye!

Bigirimana: mbese ahubwo ko byari ingorane! Uwo ibyo bikoko bitahitanaga, byamusigiraga ubumuga atazakira.

Muhunde: ubwo se ibyo bisimba babyicishaga iki?

Bigirimana: babyicishaga imiheto, impiri n'ibibando. Hari kandi n'ibyo bategaga mu mitego, nk'intare n'inzovu. Nyamara n'ubwo amashyamba nk'ayo ya cyimeza yari henshi mu Rwanda, wasangaga mu myaka yashize barayamaze bayatema, hari ibisozi byinshi byambaye ubusa, kandi bitanatuweho.


Mukangenzi: ni yo mpanvu rero abayobozi bacu barebye bagasanga bitagera aho, bakatugira inama yo kubiteraho andi mashyamba, dore ko adufatiye runini, muri iki gihe n'ikizaza.

Bigirimana: Oya nibyo rwose. Icyo gikorwa ubu twese twaracyitabiriye, ariko cyane cyane mu muganda no ku munsi w'igiti. Nyamara se ko nshimye ibyo biti tusatera ibindi, nk'inyamanswa zariho kera ubu zikaba zaraducitse, zizongera kuboneka zite!

Mukangenzi: koko ikibazo cy'inyamanwa zigenda ziducikaho kirahari, kandi gihangayikishije benshi.

Bigirimana: ariko njya nunva bavuga ko ahitwa muri pariki zihari, ko n'umuntu ashobora kujya kuzireba akazibona.

Mukangenzi: nibyo koko muri pariki Nasiyonari y'Akagera haba inyamanswa z'amoko menshi, iziryana n'izitaryana. Zibera zonyine mu ishyamba rya cyimeza rihari, ku buryo ntaho zihurira n'umuntu. Mbese urebye nta mbogamizi na ntoya zimuteye, ku buryo nawe atagombye kuzibuza amahoro.




Bigirimana: ariko se ko amasambu yanga akaba make, abantu kandi nabo bakaba badasiba kwiyongera, aho amaherezo ntibazazica cyangwa bakazimenesha bashaka aho batura?

Mukangenzi: ibyo rwose byakorwa n'udatekereza. Kuko aho hantu n'ubwo haba hanini hate, siho hakemura ikibazo cy'ubutaka buke n'ubwiyongere bw'abaturage igihugu cyacu gifite muri iki gihe. Izo nyamanswa ahubwo zikaba zikwiye kwitabwaho, kubera akamaro kanini zidufitiye.

Bigirimana: ni koko uretse n'ibyo, dukomeje kuzitsemba twaba duhemukira n'abana bacu. Dore ibitari kure, vuba aha mperutse kuganira n'umuntu, mubwira ukuntu hambere twajyaga tuzinduka

tugiye gupagasa i Kigali. Mubwira ko twavaga i muhira imisambi itangiye guhiga, tukagerayo agasusuruko kamaze gukwira.

Nuko umwuzukuru wanjye twari kumwe niko kumbaza ati: imisambi ni iki sogoku? Guhiga se ni ukugira gute? Kubera iki se mwagendaga itangiye guhiga. Ubwo se agasusuruko ni agaki?

Ndakubwiza ukuri kubimusobanurira ntibyanyoroheye, nawe kandi simpamya ko yanyuzwe n'ibisubizo namuhaye.

Urunva rero ko bikomeje bityo mu gihe kitari kure twazajya tubwira abo bana n'abuzukuru bacu nko mu migani duti; "Kera mu Rwanda habayeho inyamanswa z'amoko menshi, habayeho umunyana n'inkima, habaho inyemera n'indonyi, inyange na nyirabarazana, ibiyongoyongo n'ibibiribiri, inyogaruzi n'ingaru, nuko harongera habaho amoko menshi y'ibimera: habayeho imiko n'imyungo, ibibonobono n'ibihondohondo, imirehe n'imimenamabuye, igisura na rwiziringa, tutibagiwe isogi n'isaga." Nuko uko igihe cyagendaga gishira, umuntu nawe agenda arushaho kubitsemba, none ubu ahenshi byarahashize, bijye wahera.

Mukangenzi: mbega ngo ibyiza biradushiraho tubireba, kandi aritwe bizize!

Ubu igisigaye ni uguhaguruka tukarwana ku bisigaye, ntidukomeze kuba ba Barihima,

Bigirimana: none nka za ngagi nunvise zibera kure mu birunga, ngo nitusangeyo tuzihohotere, kandi wunva abanyamahanga baza kuzireba bagatanga amafaranga, igihugu cyacu kikahungukira.

Mukangenzi: erega si ingagi gusa zikurura ba Mukerarugendo, n'ariya moko yandi twahoze tuvuga hari ibihugu byinshi utasangamo n'iyakirazira, uretse za zindi zibanira n'abantu nk'imbwa, injangwe n'imbeba.

Kandi rero n'ubwiza kamere bw'igihugu cyacu ntibuboneka henshi.

Niyo mpanvu abo banyamahanga, iyo bunvise ibyo byose, bibakura iwabo, bakaza kubireba. Ndetse ni muri urwo rwego mu gihugu cyacu tuzakira ba Mukerarugendo benshi mu myaka iri imbere, baje kureba cyane cyane zangagi, twavugaga zo muri Pariki y'Ibirunga, kuko ku isi ari twe dusigaranye amahirwe yo kuzitunga.

Bigirimana: rwose uwavuze ko Imana ikunda u Rwanda ntaho yibeshye na gato, kuko ibyo byiza byose ari impano yayo yo gahora iduha. Ntidukwiye kubipfusha ubusa rero, nidutoze abakiri bato gushishikarira kumenya ubwo bwiza bw'igihugu cyacu, bityo bazabonereho kugikunda no kugikundisha abandi.

Mukangenzi: ni koko ntawe ukunda icyo atazi, kandi nta n'ikiruhije kirimo, kubera ko ibyiza tubana nabyo.

None se nka ziriya nyoni z'amoko yose zirirwa zidutamba impande, ntizituririmbira tukanezerwa!

Naho se za nzuki zirirwa zicaracara imbere y'inzu mu busitani, ntiziduha ubuki dukunda cyane!

Biriya biti se na ziriya ndabo ziduha umwuka mwiza byo twabinganya iki!

Aho wenda twavaho twibagirwa ya mariba na za robine tuvomaho! Ubwo se twabura dute kubihozaho ijisho, kandi ariho dukura ya mazi asukuye umubiri wacu ukeneye!

Nyamara rero ntituzite kuri ibyo byose, ngo twibagirwe ko ikidukikije kiruta ibindi ari umuntu.
Ngaho rero nitwirinde icyamuhungabanyiriza ubuzima. Ahasigaye tubane kandi dushyikirane n'abaturanyi, dutere inkunga abatishoboye tutirengagije n'abavandimwe. Ibyo byose nitubigeraho, tuzarushaho kuba beza no kugwiza ibyiza, byo nkingi y'amahoro iwacu.

Icyo kiganiro cya Bigirimana na Mukangenzi Umuhire na Muhunde bagikurikiranye ubwitonzi, ibyo bikagaragazwa n'uko ibibazo byose nyina yababajije kirangiye babimushubije.

Mukangenzi: niko Umuhi, wunvise ibyo navugaga n'umusaza?
Umuhire: nabyunvise mwavuze ukuntu inyamanswa zo muri pariki zifite akamaro.
Mukangenzi: ngo iyo pariki ni iyahe?
Umuhire: ni pariki ziri mu gihugu cyacu, pariki nasiyonari y'Akagera, na pariki y'Ibiruhga.
Mukangenzi: ubwo se nkawe izo nyamanswa zigufitiye akahe kamaro?
Umuhire: ngiye muri pariki nazireba, nkama nkamenya uko zimeze, nkabaza n'uko zitwa.
Mukangenzi: ubwo se nitwe zifitiye akamaro gusa Muhu?
Muhunde: oya sitwe gusa, kuko n'abahandi batazizi baza kuzireb a. Kandi n'igihugu zigifitiye akamaro kanini, kubera ko abo bajya kuzireba batanga amafaranga.
Mukangenzi: ayo mafaranga batanga se amara iki?
Muhunde: bayakoresha mu bikorwa by'amajyambere nko kwubaka amashuri, kugura imiti, gukora imihanda n'ibindi.



Mukangenzi: naho se ibidukikije byo bidufitiye kamaro ki?
Muhunde: bituma aho dutuye harushaho kuba heza.
Mukangenzi: haba heza hate?
Muhunde: hatuma tugira ubuzima bwiza kandi hakabera n'ijisho.
Mukangenzi: none se twahitaho dute Umuhi?
Umuhire: twatera indabo hafi y'inzu, kubera ko ari nziza kandi zigahumura neza. Kandi ntitugomba no kwica inyoni, ibinyugunyugu n'utundi dusimba twiza, na Perezida yarabivuze abitubuza.
Mukangenzi: naho se abandi bagenzi banyu cyangwa abo muban a?

Muhunde: nabo tugomba kubana nabo neza, ntiduhore tubashotora cyangwa ngo turwane.

Bigirimana: erega ndunva ibyo twavuze byose ntacyabacitse! Kandi nshimishijwe cyane n'uko mwunvise amabwiriza y'Umukuru w'Igihugu. Muzayakurikize rero, kandi mujye mugira inama abatayunva neza.

Ibyo babivugaga bavuye i Bugaragara bamanuka Rusiga, bagana ahitwa ku Kirenge cya Ruganzu. Bageze aho ku Kirenge, Mukangenzi abaza Bigirimana impanvu aho hantu bahitiriye iryo zina..Undi nawe amubwira ko bahise batyo kubera ikibuye kinini kiri aho hafi y'umuhanda, cyagaragayeho amashusho y'ibirenge, amajanja y'imbwa ndetse n'umuheto n'imyambi. Bakavuga rero ko ibyo birenge ari iby'umwami wo hambere witwaga Ruganzu. Amajanja nayo ngo ni ay'imbwa ze, dore ko ngo yakundaga guhiga cyane; ibyo bikagaragazwa n'uwo muheto n'imyambi byari kuri iryo buye.

Icyakora kubera gusaza no kudafatwa neza, ubu iryo buye ryarangiritse, ku buryo ibyo bimenyetso bitakigaragara neza. Bavuye aho bageze mu mpinga ya Ruganda, ahitegeye umusozi wa Muhondo, Bigirimana avuga asa n'ubabaye ko inzira zigiye kubyara amahari. Koko rero urugendo rwabo rwari hafi kurangira, kubera ko hari hasigaye gusa kirometero zitarenga eshanu kugirango Umuhire na muhunde, baherekejwe na nyina Mukangenzi, babe bageze i Muhondo.

Nuko umusaza niko kubabwira ati: mubyeyi namwe bana, ndishimye rwose kubera ukuntu twahuye tutaziranye tukaba twaganiriye tugashyikirana. Twavuze ibintu dusubira ibindi, ariko cyane twibanda ku byerekeye imibereho n'ibyiza nyarwanda. None sinabura kugushimira mubyeyi, kimwe n'undi wese wunvise ko uburere buruta ubuvuke, ko umwana munyarwanda ari uw'inshuti akaba uw'umuryango.

Abakuriye iryo shimwe kandi ni benshi:

- Shimwa wowe mugenzi wigendera, wahura n'uwo mwana afudika, ukamuguha kandi utamuzi.
- Shimwa nawe muturanyi utari gito, wowe ubona uwo mwana wa mugenzi wawe akosa ukamukosora, nta gihembo utegereje.
- Shimwa kandi wowe nshuti nya nshuti, udatindiganya kugoboka uwo mwana wa mugenzi wawe igihe yahuye n'ingorane, nta shimwe cyangwa inyungu ugamije.
- Nimushimwe babyeyi mwese, mwe mudatererana uwo mwana, mukamufata ukuboko mumuha izo nama, zizamufasha mu nzira y'ubuzima.

Umuhire na Muhunde bari bitonze cyane, bakurikira ibyo umusaza avuga. Nuko nawe arahindukira arabareba, ati: nimwushimwe namwe bana mwese, mwebwe mwita ku nama ababyeyi n'ababaruta babagira, mukazikurikiza.

Muhunde ngo abyunve ahita yongorera nyina ati: wamudusabiyenawe akatugira inama mama?

Koko rero Bigirimana ni mukuru kandi yabonye byinshi, nicyo cyatumye agira abo bana inama muri ibi bitekerezo:

# IGITEKEREZO CY'INYONI.

** ******************

Ntare umwami w'ishyamba yabaye aho, aza kugira igitekerezo cyo kuzakoresha umunsi mukuru. Ngo wari uwo kwizihiza imyaka cumi n'itanu amaze avutse. Nuko atuma ku nyamanswa zose kuzaza kuwizihiza. Zabyakiriye neza ziritegura, umunsi ugeze ziragenda, zihurira zose muri pariki y'Akagera aho awo mwami yibera. Zamaze guterana ibirori bihita bitangira, zirakina karahava. Imikino yari myinshi kandi inyuranye: harimo isiganwa ry'impara n'imparage, akarasisi k'inzovu n'imbogo, gusimbuka kw'ingeragere, guhamiriza kw'intende na za maguge, urwenya rw'impyisi, ibivugirizo by'inzoka, kugenda ku mirongo iboneye kw'intozi n'imiswa, imikino yo mu mazi y'invubu, ingona ndetse n'amasamake, n'imikino yo mukirere y'ibinyugunyugu, inzuki amavubi n'izindi. Kuri gahunda y'uwo munsi hagombaga gusheruka inyoni. Nuko barazihamagara , ariko ziza zifite ubwoba kuko zabonaga izindi zazirushije. Zirituganya zifata neza, umutware wazo azijya imbere atera indirimbo, ziririmba mu tujwi tugororotse. Nuko injyana yazo inyura umwami w'ishyamba n'abari aho bose. Ndetse aba arizo zegukana umwanya wa mbere zitabikekaga. Barazihembye zirara inkera n'inzindi, bucyeye zose zirataha. Inyoni ziraza ziteranira mu ishyamba ryo kuri mont Kigali, kugirango zinegure. Ubwo Kagoma ifata ijambo, izishimira ubwitonzi n'ubutwari zerekanye mu birori, bigatuma zihabura ishema kurusha izindi z'ibihangange zari zihari. Iti none rero, nababazaga icyo twakora kugirango natwe twigembere icyo gikorwa. Igihe zicyibaza, Igishwi kiba cyatanguranwe kiti: ashwi rwose ndunva njye nta kibazo gihari. Ahubwo ndihuse ngiye mu Bugesera, nzi ko haba amasaka aryoha ndatoranya imirima yeze neza, maze nze mbajyane tujye kuyarya, tuyarye tuyahage nyine twarakoze. Kikimara kuvuga ibyo Igikona gihita cyicyamagana kiti: hoshi Vaho rero, urinda se wajya iyo yose, hariya hepfo mu mugi, muri za mondisi z'abanyakizungu ntiharimo ibyiza biruta ayo manyagwa y'amasaka. Mwaretse tukajyayo tukirira ibirayi, umuceri ndetse n'inyama. Ubwo Marere igisubiza igikwena, iti: cyono rekera aho kubeshya bakwunvise. Izo nyama n'ibyo birayi urata se, ejobundi sinagiye kureba muri ibyo bigunguru ngasanga nta n'icyakirazira, ari ibihatirwa by'ibirayi n'ibigufwa byambaye ubusa byibereyemo. Ifundi ngo ibyunve ivuga ituje iti:cyo nimusigeho guterana amagambo. Ahubwo njye ndasanga ibyiza ari uko twakwigira mu mpinga ya Mbirima na Matovu, tukirira uburo buhari. Isandi irasakabaka iti: cyangwa se tunyarukire i Byumba turye za ngano zaho, nazo muzi ko mu kuryoha zarahiriwe. Umusure urazitwama uti: ariko se murinda mwakwirushya, tuza ntimwabonye bya bihwagari byeze hariya hakurya i Masaka! Ubwo se tunyarukiyeyo ko ho atari kure, ntitwabirya tukabona gukomeza urugendo? Nuko inyoni hafi ya zose zemera iyo nama yo kujya kurya ibihwagari. Ishwima nizo zonyine zasigaranye ingingimira, Inyombya izibajije impanvu zitishimye, ziyisubiza ko zitakwihanganira kurya zitanywa. Zemeye kujya kurya ibyo bihwagari, ariko ngo zarangiza zikanyarukira no mu Mutara, gushaka uturaso tw'inka two kurenzaho. Nyamara Inyange zahise zizikurira inzira ku murima ziti: cyo nimusubize amerwe mu isaho bene inka bazikomeyeho.

Ubu bose bafashe umugambi wo kuzororera mu biraro, mu nzuri aho twajyaga twiririrwa duhagararanye ntiwahasanga n'iyakirazira. Igihe inyoni zose zimaze kwinigura, Inyamanza ikuze isaba ijambo irarihabwa. Iti njye sinvuga menshi ni icyifuzo nagirango mbagezeho. Murabona koko kukwiye kwiterera hejuru ngo twakoze ibitangaza, tutarashimira n'uwo dukesha ubwo bushobozi? Usibye n'aya majwi yacu yanyuze benshi, murabizi ko ibyiza yadukoreye bitagira urugero. None se iyo mubona tugendera mu kirere hejuru y'ibindi biremwa, mukeka ko ari andi mayeri cyangwa imbaraga tubirusha? Ikindi kandi, dore murahitamo impeke nziza mushaka kujya kurya. Harya iyo mubona mutanga umubibyi kuganura, ni uko muba mwiyushye akuya kumurusha? Nuko inyoni zose ziriyunvira, ariko habura n'imwe yagira icyo isubiza. Inyamanza irakomeza iti: dore rero inama nabagiraga ni iyi: ibyiza Imana yadukoreye ntibigira urugero, ntacyo rero twagombye gukora tutabanje kuyishimira no kuyisingiza. Ndetse bikaba intego yacu ya buri munsi, mbere yo kugira undi murimo tujyaho tukayiragiza. Nuko inyoni zose zishima iyo nama, zitangira kuririmba ibisingizo bya Nyiribiremwa. Kuva uwo munsi kugeza n'ubu, zirizindura zigasenga mbere yo kujya ku yindi mirimo.

None bana, muramenye ntimuzarushwe ubutwari n'inyoni. Ibyiza Imana yabahaye kandi idasiba kubagirira birahebuje.

Mwaratoneshejwe umunsi ibaha ubwenge busumba ubw'ibindi biremwa, ngaho nimukoreshe kandi muyishimire.

*Nuko rero murajye musenga Imana, muyiragize kandi muyiture imirimo yanyu ya buri munsi.

****************************************

# IGITEKEREZO CY'IMBEBA.

********************

Kera nta mbeba yabaga mu rugo, zose ziberaga mu gasozi zigatungwa n'imbuto zo mu kinani. Nuko inzara iratera, umugabo Sentabyo mwene Sebyatsi ahaguruka iwe mu Busanza bwa Kanombe ajya guhaha mu Bugesera. Agezeyo asanga n'ubwo naho izuba ryacanye atari abo gufpa. Bamuhaye icyate arashishikara arakora, akirangije bamuha uruboho rw'amasaka arataha. Yaraje ageze hafi y'iwe yunva arakubwe, ndetse ntiyashobora kwihangana ngo agere mu rugo.
Atura wa mutwaro yari yikoreye arambika aho, agana munsi y'inzira kwitunganya. Imbeba ya Mushushwe yari hafi aho yishakira ibyo irya igira amatsiko, yegera ya masaka irinukiriza, yunva birahumura neza, irumyeho yunva biraryoshye, ntaho bihuriye n'ibyo yari isanzwe irya. Nuko isesera bwangu muri rwa ruboho irahekenya, irahekenya, muri ako kanya Sentabyo aba araje. Yabatuye umutwaro we arikorera, ariko yikoreramo ya mbeba.Nuko ageze iwe aratura bajyana mu nzu, nawe ajya kwiruhukira. Ubwo imbeba irara kuri ya masaka, iyahaze irya no ku bikoba byari mu kimuga hafi aho. Bwarakeye irasibira, ikomeza kwirira kuri iyo mpeke. Nuko ku munsi wa gatatu Mushushwe ihengera ntawe uyireba, ikurura amabondo irataha. Igeze iwayo isanga bararize barihanguye, bazi ko yapfuye byarangiye. Nibwo ibatekereje aho yatindiye n'icyayitindije. Iti none ndunva igisigaye ari uko twatuma kuri bene wacu aho bari hose, tukajya kwibera kwa muntu haba akaryoshye. Abana bayo barayibaza bati: ariko se tuzajya kwa muntu tujyanywe no kumurira ~~akaryoshye kumurira~~ ibye aho azabitwemerera ntazatwica? Imbeba iti: nimuhumure ntacyo tuzaba, muntu aturusha ubutwari ariko ntaturusha amayeri. Naho ubundi uko byagenda kwose, akaryoshye nabonye yo ntawakiziza. Nibwo imbeba zikoranye ubwo, aho zari mu myobo no mu bishyinga zipfupfunukamo, ndetse n'iyaraye ivutse ntiyasigaye.
Nguko uko izo mburagasani zateye iwacu, ubu zikaba zaratumaze ku tuntu.Urebe n'ukuntu zigira isoni nke zo gatsindwa, no ku muntu ntizitinya kurumaho. Zigashunaho z-igahuha, bityo bityo, bwacya ugasanga agatsinsino k'ikirenge zagakoreye ibya nfura mbi. Muntu yagerageje kuzitega n'ibifuma, byanze akoresha imitego y'ibyuma ariyo Rwagakoco, agera n'aho akoresha ibinini byo kizica, ariko byose byabaye iby'ubusa. Yewe, na Nyirahuku yarariye irahaga,aho bigeze irazibukira. Nazo kandi zanze kuva ku izima, ngo zizemera zipfe, ariko izisigaye zikomeze zibere mu gisenge cy'inzu, no mu nfuruka zayo, aho gusubira kuba mu myobo nk'intozi. Kandi ngo zabonye indyo iryoshye kwa muntu ntizarota zisubira gusangira inyanya n'inyoni.
Nyamara rero bana, ikibabaje nuko ngo no muri mwe haba harimo abakorakora kuzirusha. Abo nibasigeho, birinde kwikoreramo kandi bafite ababaha, ejo batazashyekerwa bagafatwa bubeba.
*Nuko rero murajye musaba muzahabwa, maze mujye mufata icyo muhawe icyo mwimwe mugitinye.

*********************************************

# IGITEKEREZO CY'IMBWA RUKUBASHYAMBA.

Kera nta tungo ryannyaga mu rugo, ndetse n'inka ntizahannyaga. Zatagа amase mu rwuri aho zabaga zagiye kurisha. Nuko umunsi umwe zahutse, sinzi uko Rwirungu yarebye umushumba ku jisho, irakubirana iza kwona utugozi twari mu rutoki hafi y'urugo. Yarahageze ibona Nyirakamana arasoroma imboga iruhande rw'ikirundo cyari gihari. Yamaze gutaha Rwirungu yegera ha handi yasoromaga, isanga icyo kirundo ari icy'amase yazo. Byarayitangaje ariko iryumaho, isubira kwirishiriza. Igihe yunamye yufaguza, yunva umushumba yayigezeho arayihondagura. Ngo inkoni ebyiri yayikubise mu mbavu zarayishegeshe, ariko iya gatatu yayikubise mu gutwi ntizigera iyibagirwa. Ubwo yasubiye mu rwuri itunva itabona, yirirwa izungerezwa yananiwe kurisha. Aho zitahiye nimugoroba zigeze mu rugo, yegera za Mukara na za Bihogo, zihamagara za Bugondo na Kibamba ndetse na Gaju na Sine, nuko za Gitare nazo zimaze kuhagera, izitekerereza ibyo yari yabonye. Iti nubwo nakubiswe bwose, nibura nari nariye ibiryoshye kandi nabonye n'ibyo nari nzi! Njye najyaga ngirango abantu badukundira amata yacu banywa n'inyama zacu barya, cyangwa se impu zacu bambara, none n'ibyatsi bimera mu mase yacu barabisoroma! Ndetse wasanga baba babijyanye kubirya!!! Akanyana ka Mukara gasigara mu rugo kati: unva re, nuko nanze kubibabwira ngo batazabimenya bakankubita, naho ubundi mutinda kurenga irembo, wa mukobwa uba hano akansanga mu kiraro, nkabona arashakashaka aho naba naneye mu cyarire, maza yayabona akayakamata yose yose akayajyana. Dore ikirundo cyayo kiba hariya munsi y'urugo, icyo bayamaza nicyo ntazi. Rwirungu iti: mbaaa..., ntimwiyunviye se kandi mwagize ngo nababeshyaga! Mukara iti nimwicecekere ndaza kwijijisha nanjye mpannye, ndebe ko baza kuyajyana. Bimaze kuba mu kabwibwi bayiha iyayo, umushumba azana icyansi aca bugufi arakama. Igihe ahumuje agiye gushaguruka, Mukara uko yakabivuze ihuruza igishwemu cy'amase n'iruhande rwe ngo po. Umushumba aragenda atereka amata, Mukara nayo isigara ifite ubwoba ko igiye gukubitwa. ~~Nyma~~ Nyamara rero siko byagenze, ahubwo byarayitangaje ibonye bayihanaguye ayo yari yitayeho ku kuguru, bakuyeho n'ayo yari imaze kunnya. Izindi nazo zibibonye zitangira kunnya ubwo. Mbese wagirango ziri mu irushanwa, bucya mu kiraro zahujuje. Mugabo na Nyirakamana babyutse barabireba barahora, zimaze kwahuka Nyiramatama atangira akazi ko kuzikukira. Ihene zari aho zirabyitegereza, ziti amahurunguru yacu ntahabure. Inkoko n'imbata nazo ziti twatanzwe. Mu kanya gato urugo ruba rwuzuye amahurunguru, amatotoro n'amaganga. Nyiramatama nawe arashishikara arakuka, ndetse aho bigeze na nyina aza kumufasha. Reka rero imbwa Rukubashyamba yabaga muri urwo rugo itahuke iyo yari yazindutse ijya guhunahuna, n'igera mu rugo yitegereze ibyabaye biyishobere. Niko kujya kubaza akanyana ka Mukara. Akandi kayisubiza n'ibyishimo byinshi kiterera hejuru kati: irebere nawe dore twakomorewe, kuva ubu ni ukujya tunnya mu rugo uko dushatse nyine. Rukubashyamba iti ni icyo napfaga. Igira itya irasutama, igihe igiye gutekurura, Mugabo aba yayibonye. Nuko ahuruza umujugujugu no mu tubavu twayo ngo tiku... Imbwa igenda yiruka itaka cyane, iti ndabibonye nzize akagambane nzize akagambane weee...!

Aho igarukiye mu rugo nimugoroba icumbagira, intama irayegera ngo iyikande. Nuko imbwa n'umujinya mwinshi isingira igisembesembe cyayo, irakizunguza yenda kugica mo kabiri. Intama yiruka ivirirana itaka, imbwa nayo ariko iyituka. Iti ndagenda musigara munteranya na databuja, none muje no kunyigamba hejuru! Ba sha, harya ngo amabyi yanjye aranuka kurusha ayanyu? Muribeshya ariko urwo rugo nanjye nzarunnyamo, kandi ninkira tuzabonana.

Ngaho aho ubwunvikane buke bw'imbwa n'andi matungo bwaturutse. Ikirirwa iyahiga iyabuza amahoro, ndetse iyo iciye urwaho ikayiniga ikayirya. Zene Rusake nizo zibizi. Nyamara se ko iba izirenganya, zayireze ryari uretse kuzikeketa ubusa. Ngaho rero, aho se mwe iyo mwakoze ikosa bakabahana, ntimwaba mupfa gukeka ko mwarezwe na bagenzi banyu, kandi wenda mubarenganya?

* Nuko rero bana, murajye mwirinda gukekera abandi ubusa no kubagirira inzika, kandi mujye mwigana bagenzi banyu mukora ibyiza, ibibi mubireke. 32

# IGITEKEREZO CY'INZOKA N'UMWANA WAYO

***********************************

Inzoka ubundi zibaniraga mu muryango umwe, zikamenyana zigafashanya. Nuko zibigenza gutyo imyaka irashira indi irataha. Zajyaga guhaha zikajya ibihe, umunsi umwe hakagenda Impiri n'Imbarabara, undi munsi hakagenda Incarwatsi n'Inshira, ubundi hakazagenda Inziramire, Insha, n'Ibiryambeba. Kandi rero muri uko guhaha kwazo, hagendaga izifite imbaraga, abana bato n'abasaza bagasigara mu rugo. Umunsi umwe igihe Imbarabara zari zatahiwe, zaragiye zigeze mu gasozi zihasanga abashumba barazica, izishoboye guhunga zitaha nta mafunguro zijyanye. Zageze mu rugo zitekerereza izindi uko byazigendekeye, inkuru muri zo zirumirwa, naho abana barazitukagura ngo nizisubireyo zishake ibyo barya barisonzeye. Nuko zirara kuri iyo nkeke, bucyeye hagenda Inshira kuko arizo zari zitahiwe. Nazo zageze mu ishyamba zihasanga abasore baje kwasa inkwi, bazahukamo barahondagura, ariko nazo ziranga zihagararaho. Zarabaciriye biratinda, ndetse biyemeza guhunga, ariko nabo bagenda bishemo za nkana. Izisigaye zashatse ibyo zishoboye zirataha, ariko zibigejeje mu rugo abana bararya ntibahaga, abakuru bo batahira aho. Nyuma yaho nabwo byakomeje kugenda bityo, inzoka nkuru ziranamba ndetse bituma zikurizamo kurwara ziraremba, ntizaba zigishoboye kujya guhaha. Abana babibonye gutyo barivumbura barazisiga, batoroka urugo bajya kwigira ibihomora mu ishyamba. Nuko inzoka zirapfa zirashira, hasigara Impiri ishaje, igaragurika. Igihe yari hafi kunogoka umwana wayo anyura hafi aho, ayibonye arihitira ntiyirwa anayivugisha. Yabaye agitirimuka se atangira kumuhagara agira ati: mwana wanjye rwose winsiga mu kangaratete garukira aho nkubwire. Umwana aragaruka ariko agononwa aramwegera, ise amabwira n'akajwi karembera ati: mwana wanjye dore uko nabaye uku, sinkiva aho ndi kubera uburwayi n'inzara, kandi dore n'abavandimwe bacu bose barashize sinkigira uwo niyambaza. None nkaba nagirango unyarukire hirya aho uhige, urebe ko wambonera utunyugunyugu cyangwa udusazi ntamire ndunva ngiye kuvamo umwuka. Umwana ngo yunve ayo magambo asubiza se n'agasuzuguro kenshi ati: uracyateta wowe, ntuzi ko ubu ibintu byakomeye ari ukwirwanaho. Maze utwo dusazi n'utwo tunyugunyugu ntubonye nabura kutwitamirira, ngo ndatukuzaniye! Ati ngaho ndetse winkereza njye kureba ko hari icyo natora nanjye ndunva igifu kimbaza. Aragenda ngo yigire imbere gato ise yongera kumutakambira ati: noneho ubwo udashobora kundwanaho, reka ngutume kuri bakuru bawe, ubambwirire babanguke mbasezereho, noye gupfa ntababonye mwana wanjye. Umwana ati: n'ubwo waratinze. Niba ari urubyaro rwawe wari urindiriye ntukirubonye. Dore natwe kuva twava muri uru rugo ntawe uraca undi iryera. Umwe yanyuze ukwe undi ukwe, none singiye kwirwa mbunga imisozi nshaka abo ntazigera mbona. Ise ati noneho ubwo ibyo byose binaniranye, reka nkwisabire ikintu cya nyuma: rwose wihangane gato mbere yo kugenda ubanze undenzeho agataka noye kuzaribwa n'ibisiga, njya mbona byiririrwa bintamba hejuru, bitegereje ko nogoka ngo binshoke. Umwana ati shyuuu..., ntibizi kukurya n'ubwo byaratinze. Amuta aho arigendera.

Nuko Impiri ngo yunve ayo magambo agahinda karayegeka, ariko mbere yo kwirambura isiga iciye iteka ko nta gikurura inda

cyo mu bwoko bw'inzoka kizongera kwirushya ngo kirarwana ku rubyaro. Kuva ubwo kugeza na n'ubu, inzoka iheruka itera amagi, ibindi si akazi kayo.

Bana rero, ngo no muri mwe haba harimo abahemu, batererana ababyeyi babo, cyangwa ntibafashe abanyantege nke.

Ibyo rwose ni ukubiharira inzoka ntibikwiye mwene muntu. Mujye muzirikana buri gihe ko babarwanyeho aho mutari mwishoboreye, ko kandi ineza yiturwa indi.

* Nuko rero murajye mwita ku babyeyi mubafashe, cyane cyane abageze mu za bukuru, kandi mujye mwibuka ko gufasha abatishoboye ari umuco mwiza wa kinyarwanda.

# IGITEKEREZO CY'ABANA BABIRI.

****************************

Abana babiri, Gahima na Gahire barahuye baraganira:

Gahima: sha, bajyaga bandatira icyaro ngo ni cyiza, ariko nasanze abakibamo mwaragowe kabisa!
Gahire: twagowe dute se?
Gahima: ntimusirimutse nkatwe twibera mu mujyi.
Gahire: gusirimuka ni iki?
Gahima: unva mbese, ni ugukurikira wa muswa we!
Gahire: ukurikira iki?
Gahima: ibigezweho.
Gahire: nk'ibiki se da?
Gahima: nka mode yadutse, n'ibindi.
Gahire: hanyuma se wayikurikira?
Gahima: ukajyana nayo.
Gahire: mujya he se?
Gahima: unva ra! Kugaragara neza.
Gahire: ibyo gusa! Akaba aribyo mutahira?
Gahima: si ibyo gusa, hari n'ibindi.
Gahire: ngaho se komeza umbwire.
Gahima: turanajijutse kubarusha.
Gahire: mujijuka mute?
Gahima: e wana, vire irakabaho haki ya mungu. Kuyivivamo ni ukuryoha bigatinda tro. Verema mwa si ukukwirariraho, iyo nza kuvukira muri la komini mba narashavuye kabisa. Ndetse mba narahise niyaranja singumeyo.
Gahire: yooo..., mbe Gahi, mbese ni ibyo kujijuka wambwiraga?
Gahima: hanyuma se ubigaye iki? Urunva se ntazi kuvuga indimi nyinshi uretse wowe ucungira ku kinyarwanda gusa.
Gahire: cyo se ukigaya iki?
Gahima: reka cyo ni igisanzwe, twarakibahariye.
Gahire: ba nde?
Gahima: ba mwebwe b'abaturage.
Gahire: sha, uwo wita umuturage ni muntu ki?

Gahima: ni nkawe, n'undi udasirimutse wese.
Gahire: yewe, urantangaje cyane! Ese ubundi ubwo ujya wunva radio?
Gahima: reka nta gihe nabona! icyakora rimwe narimwe iyo harimo umuziki ugezweho ndayunva.
Gahire: ubundi se?
Gahima: wimbazaguza ye, menya gusa ko nikundira video!
Gahire: erega n'ikiganiro cy'abana ntugikirikira!
Gahima: have se winsuzugura. Uko ngana uku sha?
Gahire: yewe, ndumiwe n'ukuri. Ariko se ubwo busirimu urata ubugura iki ra?
Gahima: amafaranga arabuze se?
Gahire: ubwo se ukorera angahe?
Gahima: nta na rimwe.
Gahire: none se uyavana he?
Gahima: kwa data na mama.
Gahire: mbe sha, urabiba rero?
Gahima: reka yewe si ibyo navuze.
Gahire: baguha angahe se?
Gahima: bayanyima nkikoreramo. Gusa bapfa kutambona, kandi nanjye sinkabya.
Gahire: ese ubundi ubwo ubamariye iki?
Gahima: ndarya nkaryama, ubundi ngatembera cyangwa ngakina.
Gahire: wowe se ubwo wimariye iki?
Gahima: urabona mbuze iki?
Gahire: naho se mu ishuri ra?
Gahima: ugize ngo mu ishuri! Yewe, ho nta kigenda kubeshya ni kubi!
Gahire: kubera iki?
Gahima: mwarimu ntasiba kumpana ngo ndakubagana.
Gahire: wabiretse se?
Gahima: ngakora iki se sha?
Gahire; unva ra, ukiga nk'abandi.
Gahima: reka simbikunda.
Gahire: ubyangira iki?

Gahima: bintera ubute.
Gahire: none se shahu uzamera ute mu minsi iri imbere?
Gahima: ngo ejo nzamera nte? Iririre. Imari ya data se ntihari?
Gahire: ko wunva ari iya so se ni iyawe?
Gahima: ariko uzi ko ibyo ntajya mbyibaza!
Gahire: dore rero shahu nkugire inama, niba ushaka unyunve.
Gahima: ngaho se gira vuba, kandi uvuge bike.
Gahire: unva gusirimuka simbyanze, ariko ndunva warabifashe uko bitari.
Gahima: wowe se ubifata ute?
Gahire: nkomera ku by'iwacu, iby'ahandi byaza ngashungura.
Gahima: ngo urashungura? Gushungura se ni iki?
Gahire: ni ukuvangura.
Gahima: uba uvangura iki se?
Gahire: nvangura ibibi n'ibyiza.
Gahima: ubwo se ibyo wita bibi ni nk'ibihe?
Gahire: ni nk'izo mode zigezweho urata kandi zihenda, ni nka ziriya nvange z'indimi nahoze nunva uvuga,...
Gahima: rekera aho shahu kuntukira ibintu tudatongana.
Gahire: unva mbese, maze bavuga ibigoramye umuhoro ugatangira kwirakaza.
Gahima: nagusabye kumbwira ibyiza, naho iby'umuhoro ubyihorere sinawo twavuze.
Gahire: ibyiza nabyo ni byinshi: Kwambara ibidahenze kandi bisukuye ni byiza, nk'uku kwanjye mbese! Kuvangura indimi nabyo si bibi, kimwe no gushishikarira kwiga no gukora. Kurarikira iby'ahandi utaye iby'iwanyu byo biragatsindwa, kwishimira ibyo ufite akaba aribyo bya mbere.
Gahima: hanyuma se wowe ibyo byose urabikora, cyangwa ni ibigambo gusa?
Gahire: oya rwose ibyinshi ni ibyo nkora, kandi nkanabishimirwa.
Gahima: bimbwire muri make.
Gahire: mu ishuri ndashishikara nkiga, no mu rugo kandi iyo ntashye nfasha ababyeyi cyangwa nkakenura amatungo yanjye.
Gahima: unva mbese ngo aranyirariraho. Ubwo se ufite matungo ki ra?
Gahire: inkwavu ni eshanu, naho inkoko ni umunani.
Gahima: ubwose uzorora ute?
Gahire: uko tubyiga mu ishuri.

Gahima: ubwo se wunva bimaze iki?

Gahire: birakimaze cyane: amagi y'inkoko ndagurisha, n'inkwavu kandi kubera ko zororoka vuba nzikuramo amafaranga.

Gahima: ubwo se ubona angahe?

Gahire:ntabwo ari make. Ndikenura nkabitsa no muri banki y'abaturage.

Gahima: ubwo se nibyo koko?

Gahire: none se nkore iki kugira go wemere? Menya ko nk'ubu akarima k'amashu niharitse maze kugakuramo amafaranga arenze magana arindwi.

Gahima: mbega ngo ndirangaraho! Sha, ubu nanjye ngiye gutangira norore. Rwose n'ukuntu nkunda amagi, ubu noroye inkoko nkeya nibuze sinajya mbona ayo kurya tutagombye kugura!

Kandi nabonye n'inzu yazo itaruhije kuyubaka. Ndetse n'ibiryo byazo ngo ntibihenda.

Gahire: wakabimenye se. Ariko se uretse amagi, akanyama ko nturebaho?

Gahima: unva ga nawe, ahubwo nzikunda kurusha abandi.

Gahire: burya rero agakwavu karyoha kubi! Rero maye abanyenote ngo mwiririra bya bifi bituruka mu mahanga, na bya binyama byo mu makopo.

Gahima: erega si bibi! Icyo nzi gusa ni uko bihenda, kandi n'ihohaboneka ibya make.

Gahire: hanyuma se ni kuki bahururira iby'ahandi, kandi n'ino nyine hari ibihendutse ndetse bibirusha no kuryoha? Ubwo se baba babara koko?

Gahima: ngo babara! Bamwe ntibazi n'iyo byerekera, bapfa kubona ibinote bipanze gusa.

Gahire: none se bagiye nibuze bakurikiza inama nziza Umukuru w'Igihugu adasiba kutugira agira ati;" Tubeho kinyarwanda, dutungwe n'ibyiwacu mbere yo kurarikira iby'ahandi."

Gahima: none se si kwa kwibeshya no kwisuzugura bibwira ko ibiturutse ahandi biza biruta iby'iwacu!

Gahire: Gahi, ndunva noneho nawe utangiye kungarukira, ugende ubwire n'abo b'iwanyu biyita abasirimu bajye bamenya gutoranya, bityo barorere kuba ibirumirahabiri.

Gahima: ye? ugize ngo iki sha? Ngo ndi ikirumirahabiri koko? Nta soni kuntuka? Dore uko asa uko n'ibishati bibi.

Gahire: irate buhoro rero. Wagizengo wowe si ibyo bigutiya ubunza ngo ni amapantaro. Reka ndetse nguhunge nigendere.

Ntibyatinze muri ako kanya hatunguka umugenzi, ati ni ibiki mwa bana mwe ko mushyamiranye mushaka kurwana? Bamusobanuriye icyo bapfuye arabaseka cyane, ati cyo nimusigeho mwipfa ubusa!

Uzababazwa n'uko yavukiye i Rwanda, akabyarwa n'abanyarwanda, akinubira ko yarezwe kandi agatozwa kubaho kinyarwanda, uwo arajye gushaka ivuko rishya n'ababyeyi bandi ahandi. Nyamara se ko umuntu avuka rimwe risa, aho uzabibura siwe tuzabona arindagira nka cya kirumirahabiri mwapfaga mwa bana mwe? Ngaho nimumbwire niba mbeshya!

Nuko Gahire arebana na Gahima baraseka, bakiranuka batyo bakiranuwe n'umugenzi. Ndetse bamushimira umwanzuro mwiza abahaye, w'icyo kiganiro bari bagiranye.

Bityo nanjye ngasozera uwo mwanzuro mbagira iyi nama ya gatanu. N'ubwo kandi nayo ari ingenzi nk'izindi, ni n'icyuzuzo cyazo.
* Nuko rero bana, murajye mwishimira ko mwavutse i Rwanda igihugu cyiza cy'amahoro, mwongere mwishimire ko muri abanyarwanda kandi mujye mukomera ku bunyarwanda bwanyu.

Maze rero ngo ugira Imana agira umugira inama, ariko rero bana, namwe mujye mushyiraho akanyu, bityo Imana izabafasha.

Mbega weee....., Umuhire na Muhunde basaga n'abatwaweee... Ntibigeze bamenya igihe ya Taxi yahagarariye, igeze i Muhondo.
Mukangenzi ati: mbe Umuhire ni ibiki ko udakoma?
Umuhire: nari nakomeje kwunva izi nama uyu musaza yatugiraga. Ni nziza kandi nzajya nzikurikiza.
Mukangenzi: naho se Muhunde wowe bite?
Muhunde: nanjye nashimiye ibyo nabonye byose kuva mu rugo kugera hano, kuko hari byinshi ntari nzi. N'izi nama kandi tuzajya tuzikurikiza, kuko hari byinshi tutakoraga.

KOKO RERO UMUHIRE NA MUHUNDE BABONYE KANDI BUNGUKIYE BYINSHI MURI URWO RUGENDO RWABO, BAVA KU KACYIRU BAGANA I MUHONDO.

§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§